

N° 17


**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA  
NO KURENGERA RUBANDA  
NYAMWINSHI**

KA02 1339

IBUPFUBA - GUSOMU - MAYUYA UTANGIYE KURUSIYIRA AHAMARAGARA

**UMURUNDI UTEGEKA KOMINE RUBAVU AGEZE AHAMANUKA ABATURAGE NGO  
NTAZAVAHU KUKO ASHYIGIKIWE NA MINISTRE**

Koloneli Mayuya  
agomba guhorerwa



KOMU BATURURU - AMASO TUKAYABAMANA...

ABATURURU MURI ZAVINE AKABO KAGIYE GUSHOBOKA

**IMANA YI RWANDA IHORA IRI MASO, IYO IDAKINGA AKABOKO...  
AK'ABAHUTU KARI GUSHOBOKA**



BIMENSUEL INDEPENDANT  
EDITEUR : GISENYI-INFO  
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO  
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel : Rwanda : 2400 FRW  
Afrique : 4400 FRW  
Europe : 5000 FRW  
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

EDITORIAL

UKO BYAGENZE



Kangura yatezwe umutego muti-  
ndi maze ushibukana bene kuwutega.  
Basomyi ba KANGURA namwe nshuti  
zacu, ngira ngo byababereye urujijo.  
Kubona mumara hafi ukwezi kwose  
mutagezwaho amakuru cyangwa se ngo  
muyice ku masoko. Reka tubabwire  
rero uko byatugendekeye.

Ngira ngo mwabonye ibyanditswe  
na ya Nkotanyi Rwabukwisi Vincent,  
asebya abahutu ku mugaragaro, ku

buryo ingabo z'igihugu zo ubwazo zari  
ziyemeje kumuha isomo ryari kuzamu-  
geza ku muni w'imperuka. Kubera ko  
mur'yo nyandiko ntutsi yari yasohoye  
yavogeraga ubutegetsu bwashyizweho  
n'abaturage, ntanatinye no guhangara  
umukuru w'igihugu. Ubutegetsu bwa-  
hise buhaguruka. Uko byagenze tuza-  
bibwirwa n'inkiko, kubera ko Abatutsi  
bamwe biyise inkotanyi bakaza kudu-  
tera baturasa bababajwe n'ifungwa  
ry'inkotanyi mwene wazo Rwabukwisi.  
Haje gucurwa itiku, rikozwe n'abo  
batutsi b'inkotanyi biyemeza ko bago-  
mba guhorera Rwabukwisi, ubwo ibyo  
bavugwaga n'abatutsi bafunguwe mu  
byitso by'inkotanyi, muti "babigenje  
bate se?" Nk'uko mubizi KANGURA  
yavutse ikangura abahutu, kuko aribo  
bari bugarijwe n'umwanzi wabo wiyise  
inkotanyi. Ibyo KANGURA yakoze  
bitazibagirana, bizwi na buri munya-  
rwanda ukunda u Rwanda rwamubya-  
ye. Aho KANGURA yakuye abahutu,  
buri muhutu wese arahazi. Utahazi

nawe ubwo arwaye indwara yo kuta-  
menya imitego imutegereje, yatezwe  
kandi agitegwa n'inyoko-nkotanyi.

Turebere hamwe uko itiku ryatangiyemo  
rero...

Muri KANGURA N° 16 twabage-  
jejeho ko ibiro Ntaramakuru byigenga  
GISENYI-INFO bigiye kwibaruka  
Radio yigenga yitwa : La voix du peuple  
ubwo ibyitso by'inkotanyi byarahagu-  
rutse sinakubwira zikoresha amayeri  
yose ngo zidukomanyirize mu nzego  
zose, zigerageza kwumvisha abashyigi-  
kiye Kangura ko ngo Ngeze nabona  
Radiyo yigenga, azajya avugiraho ibyo  
ashatse byose, maze agatera inkunga  
abahutu bifuzwa kurimbura inyoko-nko-  
tanyi aho yaba hose. Mbese babonaga  
ko, ukuvuka kwa Radio ari ikibazo  
gikomeye. Ubwo bahuraga nabo muri  
M.D.R. ngo reka byacitse ngo aba-  
korana na Ngeze biyemeje gushyiraho



- KANGURA izashyigikira ingabo z'u Rwanda mu buryo bwose bushoboka.
- Iyo bibaye ngombwa, abanyamakuru ba KANGURA banyarukira ahabera imirwano. Bityo bakavugaga inkuru z'impamo koko. Colonel NSABIMANA aragaragariza NGEZE Hassan ko Morali ari yose.

Radio izajya yamamaza M.R.N.D. mu gihe cy'amashyaka menshi. Ubwo abategetsi bo muri M.D.R. nabo bati twacitswe kuko twari tuzi ko mu gihe cy'amashyaka menshi Radio Rwanda izajya ifata amashyaka kimwe, ngo none abashyigikiye Ngeze, bakomeye muri M.R.N.D. biyemeje gufasha Ngeze gushyiraho radio yabo. Ngo iyo Radio uwayihagarika akavuga ko idashobora gukora, itegeko rigenga itangazamakuru ritarajya ahagaragara. Mbese abatutsi bamwe biyise inkotanyi bakoze uko bashoboye kwose bakwiza ibihuha mu nzego zose z'ubutegetsi, bagaragaza ko iyo Radio izababogamira. Ubwo bamwe muri abo bategetsi baragiye no mu ma salons ya bene wabo bakorana, ngo tuzi ko Ngeze na Kangura ye ishinze kuvugira abahutu ngo amafaranga yo kugura Radio azayavana he? Ubwo umwe aho atantumiye ngo ambaze ibyerekeye uwo mushinga, ahubwo yagiye kubaza uhagarariye Abanyamerika ariwe Ambassadeur amubaza niba ariwe uzadufasha mur'uwo mushinga.

Ngaho namwe nimwibaze ibyo bintu kandi byitwa ko tugiye kugendera muri demokarasi. Ese ko dufashwa ku buryo bwinshi, nko kutugira inama nibindi. Aha mboneyeho kubwira uwo mutegetsi wirirwa abaza ba Ambassadeurs ibya Ngeze ko icyihutirwa atari icyo ko ahubwo yagombye kubasaba ko badutera inkunga mur'iyi ntambara turwana n'inkotanyi. Yaba ari inkunga y'amafaranga bakayiduha kuko tuyike-

neye. Yaba icyihutirwa nayo bakayiduha, kuko nayo ikeneye. Naho ubundi, kubaza ushyigikiye Ngeze, ntacyo bizatwungura. Ese uwashyigikiye Ngeze mu biteza igihugu imbere ntiyashimirwe? Ese aho yaba yibuka ko Radio nayo ari ibicuruzwa nk'ibindi byose? Kandi usibye ko Radio na televiziyo, leta igaragaje ko itazabishobora, ikareka abikorera ku giti cyabo bakikorera uwo mushinga. Nta mwaka washira televiziyo itaraseckara.

Dore tugiye kugera mu gihe cy'amashyaka menshi. Buri shyamba ryemewe rishobora gushinga ikinyamakuru nk'uko M.R.N.D. yabikoze ishyiraho Umurwanashyamba cyangwa se amashyamba agashinga za Radio na T.V. kuko nta cyaha kirimo. icyo nasaba uwo mutegetsi, n'uko yakwibutsa inzego zibishinze zigashobora bwangu itegeko rigenga itangazamakuru. Naho ubundi dushobora kuyigira, cyangwa tukareba imiryango mpuza-mahanga yadutera inkunga mur'uwo mushinga. Dupfa kutavogera amatageko u Rwanda rugenderaho. Naho ku byerekeye uwo Kangura izakorera mu gihe cy'amashyamba menshi. Reka mberurire. Twe tuzashyigikiye uwariwe wese uzadufasha gutsinda inyenzi-Nkotanyi n'ibitso byazo, uzashyiraho ishyamba ritwereka uko twazatsinda iyi nzara twatwe n'inyenzi-Nkotanyi ivuye ku mirwano yazo.

Tuzamamaza ku buryo bw'umwihariko umuntu wese uzerekana ko abahutu bagomba kwunga ubumwe

bagakundana, bagafashanya, bakagirana ubusabane, butuma nta yindi nyenzi-nkotanyi yazagambirira kubatsemba; haba no mu bana bacu n'abuzukuru. Mbese agahora azirikana revolisiyo yacu yo mu 1959. Abana b'inyenzi ntibazongere na rimwe gutera abana b'abahutu bagambiriye kubatsemba. Ku byerekeye HABYARIMANA Yvenali abatubaza icyo tumutekerezaho, twe twakoze anketi yacu, mu ngabo z'igihugu hafi ya zose zitubwira ko nta wundi Perezida bashaka, usibya HABYARIMANA wenyine. Ibyo byatumye tuzenguruka u Rwanda rwose tugerageza kwegera abaturage. Abo twaganiriye bose batubwiye ko batubona undi muntu wahagararana na HABYARIMANA, ngo nawe asabakuba Umukuru w'igihugu. Nk'abanyabutare bo bambwiye ko kubona twaratewe Umukuru w'igihugu ari muri Amerika ntahereye akaza igitaraganya, ngo byagaragaje ko ariwe ukwiye kongera kuyobora uru Rwanda, ngo usibye ko atazongera kubona amajwi 100/100. icyo bemera nuko mu Rwanda hose azabona 90/100 ukagerekaho n'ingabo z'igihugu cyacu zose zizaba zimushyigikiye kandi zitari mu mashyamba. Nguwo uwo KANGURA yiyemeje kuzashyigikiye rero. Tuboneyeho kumenyesha ingabo z'igihugu cyacu ko KANGURA itazabatenguha na rimwe kuko twamenye ko buri musirikari w'u Rwanda, akunda KANGURA kandi ayishyigikiye.



## UTUNTU N'UTUNDI

\* M.D.R nitareba neza ishobora gutakaza abayoboke bake ifite ku Gisenyi bitewe n'uko ihagarariye na NZABANITA Paulin rubanda rukemanga kuba ari umuyoboke wa Majyambere Silas Chef w'ishyamba rikorerwa mu buhungiro ( U.P.R. ) Uwo Nzabamwita Paulin akaba agaragaza imyifatire idashimishije benshi kuva kera ubwo yari umwe mu bayobozi bakuru ba Rayon-Sport akivugira ko yayirazwe na MUREGO Donat. Yewe MDR niba ishaka kugumana abayoboke bayo aho kwishinga Nzabamwita Paulin yapfa kwiyegurira Ryeze-

mbere Fulgence cyangwa se mucuti we Nzabimana Faustin muramu wa Kigali Séral wa C.C.I.R dore ko ari nawe Mbonyumutwa Dominique wenda byagira igaruriro. MDR nibiyinaniye, izishyikirize uriya Bizimana J.Baptiste gérant wa La Rwandaise ku Gisenyi kuko byagaragaye ko ashoboye gusesera mu mayere mu mitwe y'amashyamba yose uretse ko bibonwa na bake ! Yewe nta Nzabamwita Paulin wa Rayon-Sport na Majyambere Silas wa U.P.R, bese ni ibibi byahuye bigashaka kwiyambika bushuma ibara ry' MDR kandi ku mutima

wenda ari ba LUNARI.

\* Koko rero, ngo umuntu ananira umuhana ariko ntawe unanira umushuka ! Umukino wakinwe na Préfet TEMAHAGARI ( Butare ) ubwo NJENYERI yagizwe Bourgmestre wa Commune Gituza ( Byumba ) agasimburwa vuba na bwangu aho yahoze muri ( SONARWA ) n'umuhungu wa Préfet TEMAHAGA. Genda SONARWA ufite ibanga ryawe rinogera bene gouverneurs ba za provinces.



## MURI ZAYIRE HAKOZWE IBARURA RY'ABATUTSI N'ABAHUTU

Umucuranzi w'umunyamerika yavuze ati "kuvuga ko abazungu batazi guceza si ivangura ry'amoko kuko ari kimwe no kuvuga ko abirabura bafite izuru ribwataraye n'iminwa igawe." Kubarura abahutu n'abatutsi nabo ntavangura ririmo kuko ari ukumenya umubare wa buri bwoko kimwe na kwandika ubwoko mu irangamuburu nta vangura ririmo.

Hambere aha rero muri Zayire hakozwe ibarura ry'abatutsi n'abahutu bafite inkomoko mu Rwanda. Ariko abatutsi ntibishimiye iryo barura. Benshi muri bo bashatse kwihisha mu bahutu biranga. Bapfaga kubabaza gusa ngo muri bande ba bene nde babyarwa na ba nde? Ubwo ab'ingoto isumba izuru bakarya iminwa. Ibyo bibazo babibazwaga n'abahutu batatariye na gato amateka y'igihugu cy'abasikuruzababo.

Abandi batagize igitekerezo cyo kwiyoberanya barakajwe cyane n'iryo barura bigera aho kuri Goma batwika

ibiro byakorerwagamo iryo barura. Urebye barakajwe n'uko ubusanzwe badakunda ko hari uwamenya ko aribo bake (minorité). Nk'uko bizwi, abatutsi nibo bake ku bahutu baboneka muri Zayire, mu Burundi, mu Rwanda no mu Buganda. Igihe cyose ariko, inyoko ntutsi ntiyigeze ishyigikira ko umubare wayo nyakuri ushyirwa ahagaragara. Nyamara aho bari barironda, bagatikurira andi moko, bagakururana... Ibyo bigatuma andi moko aba muri Zayire atabumva.

Mu by'ukuri Maréchal Mobutu wa Zayire yatonesheje abatutsi ku buryo bugaragara. Afata Bisengimana Rwema amugira. Diregiteri muri Perezidansi aba n'umujyanama we wihariye. Abazayirwa ntibyabashimishije kuko nabo bazi ubugome bw'abatutsi. Aho Bisengimana aviriye k'ubujyanama yamazeho igihe kirekire cyane yakomeje imirimo y'ubucuruzi. Akomeza gushyigikira abatutsi mu buryo no mu mafuti. Agura ibyombo bikora mu kiyaga cya Kivu, ubu bikaba bishinzwe gutwara ingabo z'inkotanyi ziva i Burundi

zikanyura i Bukavu zigahingukira kuri Goma zikomeza urugendo. Bisengimana avugwaho ivangura ry'amoko rikaze. Nihibukwe ko ubwo Maréchal Mobutu yamusabaga gutanga Plan ya "Barrage Inga" nta wundi muntu yavuze ko yabishobora usibye Katarbarwa André wahoze ayobora ELEC-TROGAZ akaba umututsi mwene wabo. icyo gikorwa, yego baragikoze kiratsinda kandi gihesha Zayire ishema ariko cyabaye impamvu yo kuryamira andi moko cyane cyane abahutu bo muri Kivu zombi.

Hari n'abandi batutsi benshi babonye cyangwa bafite imyanya ikomeye mu butegetsi bwa Zayire ariko ivangura bagira n'iryo rituma andi moko atabakunda. Ahubwo nibatareba neza mu mashyamba menshi muri Zayire bazifata ku munwa. Amashyamba menshi yaho abarwaye nk'igisebe cy'umufunzo. Ntibaza impamvu kugeza magingo aya abatutsi bataramenya ko umugambi wabo wo gutegeka Afurika yose yo hagati urwaye SIDA mu mizi!

*Ngize Hassan*

## KOKO COLONEL MAYUYA APFE NKUTAGIRA KIVUGIRA

### URUFPU RWA KOLONELI MAYUYA BARUVUGA KWINSHI

#### NGO YABA YARAZIZE IKI?

Ndavuga uko babivuga, mu nzira, mu itagisi, mu kabare, n'ahandi. Simbyemeza ko ari ukuri kandi simbi-nyomoza kuko ibyinshi nta bimenyetso bihagije mbifitiye. Ikindi kandi sinijunditse kanaka ngo mbe nshaka kumusesereza cyangwa kumutesha agaciro. Imana yambara umugabo. Gusa iki-nteye kubandika ni uko iyo ntekereje ko uriya mugabo yari akomeye kandi afitiye Igihugu akamaro, kuba yarpfuye kariya kageni, kugeza n'ubu ukuri kukaba kutarajya ahagaragara, ndabona Ubucamanza bwacu bugifite urugendo rururure.

Ngo ku itariki ya munani Werurwe 1987 Umukuru w'Igihugu yakiriy abantu b'abategetsi n'inkoramutima z'umuryango we mu busitani bwawe,

dore ko uwo muni ariwo yibukaho ivuka rye. Ngo yagendaga abanyuramo abaganiriza akanya gato kuri buri gatsiko, niko akunda kubigenza. Yaje kugera ku gatsiko k'abasirikare bakuru barimo uriya Nyakwigendera Koloneli Mayuya arababwira ati uyu Mayuya ndumva nshaka kuzamugira ikindi kintu ati kuko mubonamo ubushobozi bwinshi. Ubwo rero aba aramwaha. Abantu barahaguruka barahagarara. Baramuraguriza baramuraga ubwa Gihanga bumwe bwacu urubozo. Uko babumurutsa, abandi bagasubizamo. Yaje ariko guhura n'abavuzi babizi cyane uburozi barabumurira. Nyamara ariko yakuyemo indi ndwara yo mu nda kubera imiti ya Gihanga kenshi na kenshi iba idafite igipimo, nibwo yagiye kwivuriza i Burayi.

Kuva yagize cya gitekerezo, Umukuru w'Igihugu yarihereraga agateke-

reza mu biro bye biri kuri Village Urugwiro, akandika ategura uko agiye kuvugurura Ingabo z'Igihugu, ngo ashyiremo umwuka mushya. Bamwe bavugaga uko yari agiye kubigenza, ariko murumva nyine ko babivugaga uko bishakiye kuko bitigeze bisohoka ku mugaragaru. Ngo Koloneli Mayuya yari kumugira Umwungiriza muri Etat Major y'abasirikari (Chef d'Etat Major Adjoint Armée Rwandaise), Koloneli Rusatira akamwungiriza muri Jandarumori, Koloneli Serubuga akaba Chef de Kabine muri Minisitiri y'Ingabo, naho Koloneli Rwagafilita agahabwaga undi mwanya ukomeye. Hari ababivugaga ukundi ariko ibi nibyo bivugwaga na benshi. Ibyaribye byose ngo bariya bakuru bose ngo bagombaga guhinduranyanya imyanya. Ndetse bongeraho ko ngo kuva na kera ntibishimiraga ko Koloneli Rusatira wari Chefu de Kabine abategeka kandi atabarusha

uburemere bw'ipeti. Umwanya uruta ipeti ariko ingingimira ntibura. Mu gihe Umukuru w'Ingabo yari ataranonosora umugambi we w'iryo vugurura nibwo muri Kamena 1987 bamuteye Rukari, inzu ye barayitobora, bamutwara utuntu twose kugeza ku isogisi, inzu **barayaza. Aakou zarakozwe ariko zigafata ubusa. Natwe ba Mihayo tukiririra ngo abajura baturembeje, ugasanga turatanga n'utwo twari dusigaranye ngo bazadukurikiranire umu-yaga!**

Umukuru w'Ingabo ariko ntiyaci-tse intege kuko yabonaga ibyo bintu nta mahoro na make bifite. Nibwo yabwiraga Koloneli Mayuya kumwigira uko yakwagura Ikigo cy'i Kanombe ku buryo gikomera cyane kandi kikaba umutamenerwamo, ndetse n'umutwe w'Abarinda Perezida ukimurirwa i Kanombe, byanashoboka na za Bule-nde zikahimurirwa. Dore ko nawe isambu ye ihari n'inzu ye yari amaze kubye gurira leta. Inzu ikazaba iya Perezida wa Repubulika uzaza wese. Birumvikana kandi ko kubera ikizere yari amufitiye, icyo kigo cyaguwe niwe yari gushinga kukiyobora. Koloneli Mayuya ntiyajuyaje yahise yegura ibi-shushanyo bya kera arabivugurura, agereza aho peyizana yari itangiriye, barashushanya, babarura n'iby'abaturage bagomba kwimurwa. Ahasigaye hari ugushaka amafaranga yo kwimura abaturage no gukora imirimo yo guca imihanda no kubaka. Ndetse ngo Abafaransa n'Abadage bari bamaze kwemera uwo mushinga dore ko ngo wasozaga ibyo Nyakwigendera Kapi-teni Kleist yari yaratangiye. Ndongera kwisegura: ibyo ni ibyo abantu bavuga kuko ryari ibanga rizwi na Perezida n'Umunyamabanga we wihariye Kolo-neli Sagatwa na Koloneli Mayuya nyine gusa, kubera ko Perezida yangaga ababyivangamo mu gushaka inyungu zabo bwite basahura Igihugu (les professeurs malveillants).

Bityo rero Mayuya yari yanze atera abantu imitima ihagaze ku buryo byabaye ngombwa ko apfa kugira ngo abantu bahumeke neza. Kubera ko uburozi bwari bwaramunennye, bibutse ko isasu ryo ritarutswa.

Baje no gusanga umugambi usa n'uwamenyekanye, bati Habyarimana

n'ubwo agira imbabazi cyane, ashobora kuzageraho akarakara, agakubita yiha-nukiriye. Nibwo ikigo cy'i Kanombe, mu cyayenge babaye nk'abagihindura gishya, bazanamo ba Offisiye b'aba-sore, benshi bakomoka mu Ruhengeri. **Mumbabarire niko byari bimeze Mayuya yicwa, kandi si ibanga ryo mu kigo no hanze byari bizwi, ndetse bisakuzwa. Mwongere muti ibyo byose ni Jenerali wabisinyaga. Nibyo rwose ngo nawe arabyemera ariko agasanga yarasinyaga ibyo Koloneli Serubuga yamuteguriye. Serubuga ati nararanga-ye gato nsanga Koloneli Nkuriyeku-bona wari GI ni ukuvuga ushinzwe abakozi (Chef du personnel) yarabi-zambije. Abandi bati ibyabaye byara-haye! Umugambi wakomeje gutegu-ruwa. Abanyamerika batwemerere Sitaji y'umusirikare mukuru mu buhanga buhanitse mu bya gisirikari. Iyo sitaji Umukuru w'Ingabo yayigeneye Kolo-neli Nshizirungu wayoboraga icyo kigo Serija Birori tuza kumenya ibye imbere, yakoragamo. Koloneli Nshizirungu sitaji arayanga ku mpamvu ze. Sitaji bayiha Koloneli Ndibwami wayobora-ga Umutwe w'Abarinda Perezida (Garde Présidentielle), nawe arayanga ku mpamvu ze. Iyo sitaji imaze kuba nk'inzoga y'umushari bayihaye Majoro Hakizimana we arayishimira ayijyamo. Ubwo aba avuye i Kanombe, arahigamye kuko yari azwiho ubutwari, kugendera mu nzira iboneye, kuvugisha no gukoresha ukuri, na n'ubu, akaba kandi yari incuti ya Koloneli Mayuya. Bamusimbuje Koloneli Rwanyagasore ukomoka i Cyangugu ari urwiyerurutso kuko n'ubusanzwe azwiho kuba nya-mujya iyo bijya na ndiyo bwana, ndetse abasirikari yayoboraga ku rugamba bamuhimbye Mukamurenzi mu kwiruka ikinyumanyuma.**

#### NTAWE URUSIMBUKA RUMUSHA-KA

Umugambi wo kwica Koloneli Mayuya baje kuwinjiza mu ikompanyi ya gatatu y'abaparakomando yategekwa-ga na Kapiteni Habineza nawe wo mu Ruhengeri, ariko abantu bahamya bakomeje ko atari awurimo kuko nyuma y'aho baje gusanga ari umwere koko bamuha ipeti rya Komanda kandi n'ubu ngo yitwaye neza ku rugamba ku

buryo abaje mu karuhuko baza bamu-shimagiza. Koloneli Mayuya bagomba Rumwica mu mwitoto y'abaparakomando yagombaga kubera mu Mutara muri Gashyantare 1988. Iyo myitoto bagombaga kuyifashwamo n'indege ya gisirikari y'Ababiligi C-130 Hercules. Iyo ndege yageze i Kanombe igira ibibazo bya teknikiki, abakanishu baragerageza ariko birabananira, imyitoto iba irasubitswe.

Bamwe babivuga ubu bavuga ko byari coup d'Etat ngo kubera ko bihuza n'igihe Umukuru w'Igihugu yari mu ruzinduko muri Mozambique. Sibyo. Thomasi Sankara ntiwamukorere coup d'Etat utamwishe. Na Habyarimana ntiwamukorera coup d'Etat utamwishe. Abasirikari baramukunda, n'abaturage baramukunda. Abamurwanya ni abasinze ibyiza yabagejejeho, abatarabisi-nze barabimushimira kandi bakabimukundira. Uwamukoreye coup d'Etat rero adahari, biragaragara ko atabona abayoboke benshi, muhere no ku byabaye mu Kwakira gushize, igihe yari mu ruzinduko muri Amerika, yahise atabara nta mususu afite.

Umugambi w'icyo gihe cyo mu myitoto y'aho basirikari wari uwo kwica Koloneli Mayuya gusa, kandi mu kivunge, bakayoberwa uwamurasho, mbese bikaba nka gisida, kuko bose bari kuba bafite amasasu kandi bose barasa. Ubwo Mayuya urupfu rwaramusubitse, ndetse n'ibanga rikome-reka gato. Byaje guhwihwiswa ngo Koloneli Imana iracyamuragiye. Binagera mu matwi y'abashinzwe iperereza mu bya gisirikari, anketi ziratangira kugira ngo bamenye ukuri. Abandi imitima yarashigitse bati byamenyekanye. Nibwo biyemeje gukora ibyihuta kandi bikarangirira rimwe.

Biyemeje rero no gukora coup d'Etat. Bashatse umuntu wo gukoma imbarutso ni ukuvuga umuntu uzarasa Mayuya, noneho wa mutwe w'abasirikari ugahita utera kwa Jenerali, abamurinda bakabica nawe bakamwica. Ibyo byamara kuba bagafata ibyemezo by'igihe cy'imidugararo (état d'urgence), coup d'Etat ikaba iruzuye. Mu barinda Umukuru w'Igihugu (Garde Présidentielle), bakeya cyane

nibo bari bazi umugambi, icyo gihe abari kuba hawuzi bari kwiyirukira bakazagaruka byarangiyeye.

Kubona uwiyezeza kuzarasa Mayuya nabyo byararuhaniye. Babanje kubibwira umu Poromiye Serija wo muri Bazo y'i Kanombe arabyanga, ndetse kubera ubwoba ko bazamugirira nabi kubera ko amenye ibanga ntiribore, aratoroka. (Yaje kuboneka mu Nkoyanyi zo mu Mutara mu kwezi kwa cunzi 1990). Babikojeje Serija Birori nawe abanza kugingimira, ariko bamu- bwiye akayabo k'amafaranga n'umwanya mwiza azabona, aremera, ariko asaba ko bamwigisha gutwara imodoka kugira ngo azabone uko ahunga ibintu bigishyushye kuko bashoboraga kumuhitana nawe. Imodoka yayize ibyumwe- ru bitatu. Nyuma y'akazi, uwamwigi- shaga bahuriraga ku biro bya Segiteri Nyarugunga, akitoza muri uwo muhan- da kugera ku kibuga cy'indege i Kanombe.

Umunsi wo gukora amarorerwa wari uwo Serija Birori yari kuba ari ku izamu ari shefu de poste (chef de poste). Nibwo ari uwo Perezida yari kuba ayoboyeho inama ya ba Burugu- mesitiri, nk'uko bamwe babivugaga. Nta n'amahiriganya yabayeho kugira ngo Birori ajye ku izamu uwo munsi: yarigiyeho umugabo we ugeze bikurik- iye gahunda isanzwe, yari izwi nk'igiko cyose. Umunsi warageze rero Birori aya ku izamu, ararana umugambi. Bukeye Perezida afungura inama ya ba Burumestri, ariko asaviramo agace- ngo! Dari bari ko Perezida afungura inama, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igi- hugu n'Amajyambere ya Komini akayib- yobora. Perezida akazagaruka aje kuyisozza. Perezida yiyemeje ubwe kuyobora inama yose. Biba bibaye urujijo, kubera ko amasaha bari ba- gennye y'uko yari kuziraho mu kiru- huko cya saa sita, byari biruhije kuyubahiriza. Bene umugambi biyeme- za kuwusubika, bakazagenda indi ga- hunda. Bahise babimenyesha uwari ushinze kuyobora igitero cyo kwa Perezida mu rugo, nyamara bibagirwa kubimenyesha na Birori wari ushinze gukoma imbarutso.

Birori yakozwe nk'uko bari bara- bimushinze. Byageze isaa tatu, abasi-

rikari bari ku izamu yari ayoboye abambura amasasu ngo agiye gutegura isimburana (remise-reprise). Bose ba- yamuhaye ntacyo bishisha kuko hari ku manywa kandi ku munsi w'akazi, abasirikari benshi bari mu kigo. Bya- geze isaa tanu, Birori acunga uwako- raga kuri santarari ya telefoni agiye kwituma yinyabya mu kazu ka telefoni akegeta ikigozi kijya kuri santarari telefoni z'i Kanombe zose zinyuramo. Abantu bavugaga ko ngo byageze isaa tanu n'igice Koloneli Nkuriyekubona wari ushinze gahunda akibuka ko batigeze bamenyesha Birori isubikwa ry'umugambi. Yagerageje gutelefona i Kanombe birananirana, ndetse ubwe ngo yigiriye kuri santarari ya Etat Major bakora uko bashoboye birana- nirana. Ntiyahise yigira inama yo gufata imodoka, saa sita yari kuba yageze i Kanombe, yarazindaye kandi gahunda yari ayizi neza. Akari bube koko ngo ntawe ugatangira.

#### AMAHEREZO YUMUBISHA

Birori yamaze gukora amarorerwa yambukiranye ikigo. Yagiye kunyura ku irembo ry'inyuma kuko bari bata- ramenya ibibaye. Mu guhitamo gutwa- ra imodoka ya Koloneli bwite, ntabwo yari iyo kujya gutanga ikimenyetso nk'uko babivuze bamwe, ni uko bose bari bayizi, ntawari kuyibuza gutambu- ka keretse yamenye ibyabaye. Yamaze gusohoka mu kigo yicoka mu kinamba kiba inyuma y'ikigo. Kubera kwihuta ibizi bivanze n'ibyondo byiterere hejuru bizibiranya ikirahuri ntiyabona. Kube- ra igihwama n'ubuswa ku modoka ayihamya igiti. Nyamara ntiyataye umutwe yavuyemo n'imbunda ye ama- nuka kuri kaburimbo. Nubwo ahuye n'imodoka ya Mijeucoop yari itwawe n'umusaza witwa Nzabazumutima, arabahoremesha arayitwara. Uwo musaza niwe wihutiye kujya kuvuga ku kigo ibiranga iyo modoka kugira ngo bashobore kuyikurikira. Ibintu byama- ze umwanya munini ari urujijo, no kubura telefoni byiyongeramo, no kuba hari mu masaha y'ikiruhuko, ba Ofisiye batakiru mu biro, batari bagera n'imu- hira, byatumye impuruza yo kuri radiyo itinda, ku buryo i Gitarama, imodoka bayirabutswe burabyo. Yagiye kugera i Nyanza ariko isanga bayiteze ingiga z'ibiti mu muhanda. Birori afatwa atyo.

Umukuru w'Igihugu amaze kume- nya ko umubisha yafashwe yategetse ko bamufunga akazabazwa n'abantu we aziyoherezeza. Yihanangiriza bose ko ntawe ugomba kumukozza n'imitwe y'intoki kuko yari afite kuzavuga ukuri kose. Amashanyarazi Mpitabakana avugaga ni ayo ku Rusumo kandi urwo rugomero na n'ubu ruracyari mu mpapuro gusa, naho inkoni avugaga Birori yakubiswe azatubwire niba za- raciwe muri Amazonie cyangwa mu rindi shyamba ry'ahandi kuko tuzi ko atari iryo mu Rwanda. Jenerali yahise ashyiraho komisiyo yo gukora anketi iyobowe na Koloneli Nkuriyekubona. Abanditsi n'abasomyi bajye bashyira mu gaciro! Ibintu byabereye mu kigo cy'abasirikari, bikorwa n'umusirikari. Sinumva uko Nkubito abizamo kandi Mpitabakana ntatubwira ipeti rya gisirikari bamwambitse kugira ngo ajye mu kigo gukora anketi. Impyisi, abahigi bayokeye igitutu, inyuze ku mukecuru ati ntimuyibabarire niyo yamariye amavuta. Impyisi irahagarara n'agahi- nda kenshi ite Mukeyu, banzize inyama ntibanze amavuta. Na Nkubito afite ibyaha bye ariko kiriya ntikirimo. Nkuriyekubona rero ngo yabazaga Birori ibyo azi nka mwarimu, agaci- shamo akamwicira ijisho. Raporo yatangwa ngo Birori yanangiye. Kubera Umukuru w'Ingabo yari yategetse ko bamubaza batamuhutaje, abandi bongeye akarusho ko kumugaburira neza, bari bazi impamvu! Ni nacyo cyatu- maga yisararanga ngo arashaka kubona na Perezida, ngo arashaka kuga- nira n'abasore biganye n'ibindi. Bimwe bakabimwemerera, banacura umuga- mbi wo kumucikisha. Abari bashinze iyo anketi bamaze kwerekana ko ntacyo ishobora kuzageraho. Umukuru w'Igihugu yasanze bibaye ngombwa gushaka ubundi buryo, yitabaza Aba- faransa, bamwemerera kumwoherereza umuti wo kuvugisha Birori ukuri kose kutaziguye (sérum de vérité). Uwo muti bawupakiye ku ndege ya Air France yagombaga kugera i Kanombe tariki ya 29 Mata 1988 saa sita n'igice z'amanywa, bohereza na telegisi, Dogiteri Akingeneye aya gutegereza iyo ndege ku kibuga. Abandi babonye ko byose birangiye ko ibanga rigiye guse- sekara, biyemeza gukora ibyihuta. Bagiyeye gutekesha ibiryo byiza babiza- nira wa musosiyari mwagiye mwumva.

bamuha n'utunini twa morfine (morphine). ngo amuvangire amugaburire. Birori yariye ntacyo yishisha kuko n'uwo musosiyari yari asanzwe ashinzwe kumufata neza kandi yarabikoraga. Yarangiye kurya asinzira burundu, dore ko uwo muti wica umuntu atababaye. Dr. Akingenye we aha geze asanga byarangiye, yimyiza imoso.

Birori bamukoreye otobusi (autop-sie) ibura icyo ifata, basanga yapfuye urw'ikirago. Nibwo Dogiteri yiyemeje gufata amaraso akayohereza muri laboratwari ikomeye yo mu Budge, ahitwa i Hamburg. Abandi nabo bari ihumirire natwe ntitwicaye, bayakurikiza telefoni na za misiyo kugira ngo ibisubizo bizaze ari negatifu. Aba ari ko bigenda. Urupfu rwa Sitanisilasi Mayuya ruba nk'urwa John F. Kennedy. Abantu bavuga ko Perezida Habyarimana byamuteye agahinda cyane kubona umuntu we w'imena azimira ntanamenye icyo azize. Ngo yaje kuganyira mugenzi we Mobutu. Mobutu ngo yaba yaramwoherereje agakipe k'Abayisirayeli bunganira abamurinda kandi bazobereye mu byiperezeza. Ako gakipe ngo kakurikiraga uburari kakagera ku bantu b'ibikomereza, karangiye gatanga raporo karigendera. Ntawe uyoberwa umwibye rero ahubwo ayoberwa aho amuhishe.

### AMAHEREZOBABAVUGAN'AKARIMURORI

Wowe Mpitabakana wikingirije Umuranga  
Izina niryo muntu. Koko so ntakwanga akwita nabi.  
Sigahogukomeretsa amatwi y'abatara ukuri, Uzirikane ko wari uwingenzi mu bafashi.  
Urajijisha wijijisha wigira nyoninyinshi. Wifata mapfurapfubye ukomeretsa witonze.  
Menya ko rubanda izi ko winenesha inkuru.  
Ukeka ko umurwi wawe uzakubana umuranzu. Jya mu bandi bakannyi wikwivanga mu batoni.  
Ubone imbabazi z'umubyeyi, wishime, umushimire.  
Ntibibe umuhanano, iyo nama uyigire iyawe,  
Utazavuga n'akarimurori abandi bakagukwena.

Yego da! Nkubito yagutumye kujya ubeshya ushinja bariya ba offisiye bose, dore ko wabatondetse ku murongo ukurikije uko bari bahagaze mu Ngabo z'Igihugu (ordre de bataille). Ariko se ushyize mu gaciro, wowe uri Majoro cyanga Koloneli kugira ngo rubanda ubwira yemere ko abo ba Koloneli ushinja cyangwa ba Majoro bagenzi bawe, mwaba musangira imisango, cyangwa byibuze mukaba mushobora guhurira mu gitaramo, mukaba mwaganira bakakubitsa ibanga. Birumvikana ko utashinja umuntu mutagenderana, mutabana. Njye ndahamya ko uwagusubizamo, akongera akagushyikiriza iryo shanyarazi uvuga, wazavamo ushinja Semusambi ko ariwe wakuguriye ngo uvuge bariya mu Muranga, kandi nzi ko uriya musaza nta nyungu yagira mu guharabika bariya bategetsi, acura ibihimbano.

Reba n'ukuntu ntacyo wunguye rubanda muri iriya nyandiko yawe. Tuzi twese ko Koloneli Mayuya yicishijwe n'abantu, ariko ntutobora ngo uvuge abaribo n'icyo bari bagamije, kandi urabizi neza. Shobora uhamye ko ari Nduwayezu na Nkubito bamwicihije, noneho usobanure icyo bapfaga n'ukuntu bifuzaga kumusimbura ku mwanya we. Ese bariya ba offisiye bose urondora, ubifitiye burenganzira ki bwo gusesa ibanga rya gisirikari kariya kageni? Ubwo wari uzi ko ari ubugambanyi nk'ubundi, ko bihanirwa bikomeye? Demokarasi rero si iriya, no kutaniganwa ijamba bitandukanye no kuba Birihanze. Utitonze, ifoto yawe yazasohoka mu Mvaho wambaye ubusa.

### AMAYOBERA :

#### KUKI ABANYARUHENGERI MU RUPFURWA MAYUYA WUMUNYAGISENYI?

Amayobera si ukumenya izina rya batisimu rya Mpitabakana A. kuko abamuzi bararizi n'ubwo yashatse kuburizamo abatamuzi arihina, ubundi yitwa Anselime. Igikomeye gusobanura ahubwo ni uko byasakujwe ngo Mayuya yishwe n'abanyaruhengeri. Nyamara byagaragaye ko uwamurshwe

ari umunyagikongoro. Birongera bigaragara ko nta offisiye wo mu Ruhengeri wari uzi uwo mugambi wo kumwica. Abasirikari bandi bato bo, mumbabwirire sinabikurikiye, sinabihakana cyangwa ngo mbyemeze.

Muti uwari kuyobora igitero ninda niba nta offisiye wari urimo? Cyari kuyoborwa n'umusuzoffisiye kuko byagombaga kuba mu masaha y'ikiruhuko ba offisiye batashye naho ba suzoffisiye aribo bari mu kigo, kuko niho batura. Muti amasasu bari kuyakura he? Mu bari bazi umugambi bose, umuntu yigiragaho byibuze amasasu 20. Andi Komanda Mutambuka yagombaga guhita ayabaha kuko yagiraga imfunguzo za sitoki. Dusubiye inyuma gato, twasanga n'igitero yarashoboraga kuyobora mu mwanya w'uriya mu Serijamajoro. Muti Mutambuka ni umunyabyumba, kugeza ubu ntiwari gusobanura uruhare rw'abanyaruhengeri. Nanjye nti bande? Babazanye ari urwikingirizo, ari abasore batari bamenya iby'amatiku n'inzangano, bikurikirira akazi kabo gusa. Si ukuvuga ko mu tundi turere hatari kuboneka ba offisiye b'abasore bashoboye ubuparukomando ahubwo bashakaga kunaniza umutwe wa Koloneli Muyuya. Murabizi nta mubyeyi udacyaha, kandi umwana ucyashywe, agerageza kwereka abandi bana ko bituruka ku mubyeyi gito, umutoteza, umwanga. Mukomeze murabyiyumvisha. Murumva ko uwo musore ucyashywe yagombaga guhita yemeza ko bapfa ko ari umunyaruhengeri. Bikaba rero bibaye ivangura ry'uturere, Mayuya agafatwa nka Pieter BOTHA. Nyamara uwo mugambi ntibari bashoboye kuwinjiza muri abo ba offisiye kuko n'ubwo bari bashoboye ubumwe bwihariye mu kato k'akarere (solidarité régionale implicite isolée), bari batarashobora kubereka itandukanirizo ryabo n'abandi bahuje umwuga wo kurengera igihugu. Offisiye rero, yaba umusore cyangwa ushesheshu aka-nguhe, ukaba utapfa kumubwira ngo nakore iki n'iki, utamusobanuriye impamvu n'imvano. Aho mbabwiye byinshi ku mavu n'amavuko y'ingirwa kibazo cya Ruhengeri na Gisenyi, nyiramatwi yumva...

#### NDUWAYEZU NA SERUBUGA BAZAMO BATE?

Ibyakurikiye iyicwa rya Koloneli Mayuya, iriya kompani yarasheshwe,

ba offisiye boberezwa mu bindi bigo, abandi basirikari abenshi batahuweho ubugambanyi bamwe muri bo barafungwa, abandi barabirukana. Igica abantu umugongo ariko, ni uko abarenze mirongo itanu muribo, mu Kwakira 1990 bahuriye n'Ingabo zacu mu Mutara, bari ku ruhande rw'Inkotanyi. icyaha rero cya Nduwayezu si ukuba yaratahuye ububisha bwa Mpitabakana ahubwo ni ukuba ataramenye imigendere ya bariya bagendaga bijunditse kuzagaruka baturasa.

Kuri Koloneli Serubuga kwibohoraho biriya bintu byose ntibyoroshye.

Nyamara uwareba neza yasanga mbere na mbere mu gushaka kwica Mayuya byaratewe n'ishyari ribi. Serubuga rero ntiyashoboraga kumugirira ishyari kuko n'ibyo bavugaga ko Jenerali yateganyaga kuvugurura ntawe uvuga ko yari kumumurutisha. Byagera kuri Coup d'Etat yaje kuvugwa, nta na hamwe bivugwa ko Serubuga yigeze yifuza umwana wa Ministri nkanswe uwa Perezida wa Repubulika. Nta wari uyobewe ko iyo Perezida wa Repubulika yari kuramuka apane, yagombaga gusimburwa n'Umunyamabanga Mukuuru wa MRND kugeza ku matora, kuko nta midugararo twari turimo yatuma

hafatwa amategeko adasanzwe (état d'urgence). Ikosa rya Serubuga ni uko yagiye kenshi yitwara nk'umutware w'ikirenga kandi yungirije, ibintu byinshi bikamurenga yibwira ko afite abamurebera kandi nawe agomba kurebera shebuja. Naho abavugaga ngo naveho ndetse bakamugerekeraho n'ibitutsi, tuzi ko mu muco wacu bigayitse cyane. None se ko badutungira Jenerali agatoki uwo yamusimbuzza, utazigera asobwa na rimwe kuko yaturutse mu ijuru aho si bya bindi ngo imbeba irya umuhini isoterana isuka?

KANDEKWE Papias

## AMASHYAKA MENSHI ARADUSAZA!

Kuva itariki ya 10/06/1991, amashyaka ya Politiki menshi aremewe mu Rwanda. Guhera ku ya mbere Nyakanga 1991 azaba akora ku mugaragaru. Ariko iyo umuntu arebye neza kw'ijuru rya Politiki ry'u Rwanda asanga aho gucya hazaho ibihu!

Amashyaka amaze kwigaragaza ni MRND, MDR, PSD, PDC, PLD na FPR. Yenda n'andi ari mu nzira! Ariya yose ngo araharanira imibereho myiza y'abaturage. Abanyapolitiki bongeye ho ko baharanira imibereho yabo bwite baba iki! Abo banyapolitiki nabo wibaza niba bagiye kuvukana n'amashyaka. Kuko kuva cyera nta na rimwe batatubwiye ko nta banyapolitiki tugira. Kubyemeza si ugutukana. Ni byo. Mw'ishyaka rimwe rukumbi (kuva kubwa Kayibanda na MDR) si ngo mbwa kwivuna uba umunyapolitiki. Ushyirwa ho gusa, ubundi ugakurikiza amatwara rusange, ukirinda gusobanya n'ibukuru, ubundi ukagarama. Ibyo byatumye tutagira abanyapolitiki nyabo. Yemwe n'aba bashinze amashyaka! Bamwe babikoze kuko ari ibigezweho, abandi ni abifitiye akantu bapfa na Habyarimana gusa, si ukuvuga ko ari abanyapolitiki koko.

Ngabo abazaseruka mu minsi iri imbere. Biyamamaze, hatangire za mitingi, haze mo ibyo bita demagoji, ibintu abato batazi, ibyo abakuzwe bari baribagiwe cyera. Ubwo niko imyigaramabyo ruzaba rugeretse, n'ibigendana nayo byose. Gusa dusaba Imana

ntihazameneke amaraso. Iryo yamamaza niryo riteye amatsiko! Ntabwo ar'uko amashyaka menshi aje, ko Umunyarwanda azahita ahinduka. Azirinda kuvugisha ukuri! Kubera ko amashyaka nta ideologies (gikomunisi, sosiyalisiti, kapitalisite), kugirango acengeze amatwara n'ibitekerezo byayo azatukana, asebanye, urwagano n'ishyari bisandare. Anegure twose. Abuze icyo atuka inka ati dore icyo gicebe cyayo. Muri make, uko amashyaka azajya ashaka gucengera, niko azajya aducengeza mo amacakwinshi.

### AMASHYAKA AHAGAZE ATE?

\* PLD — Parti Libéral Démocrate — ni ishyaka ryashinze na Mugenzi Yusitini, Umuganza w'i Gahini, muri Rukara i Kibungo. Afite uruganda SORWACI rukora ibitembo by'amazi. Azwi ho byinshi! Ariko cyane cyane ko yafunzwe igihe kinini akekweho ko yishe umugore we, warwaraga asima y'igikatu! Ishyaka rye ngo rishaka ko abantu bisanzura muri byose (libéral). Mu bukungu Banki y'isi yose muri PAS yamutanze ibitekerezo kuko nibyo yadutegetse. Kubera ko iyi ntambara itatuma tubigeraho, ishyaka PLD rigamije ko mbere na mbere yabanza ikarangira. Urebye ndetse inarangiye, ishyaka ryaba rirangiye akazi karyo! Imana ishimwe ubwo ishyaka rye ritavugaga umukanda nk'uwo yateje ateguka Koleji ya Leta i Mburabuturo mu 1971. Yaciye imisitari mu nkono ziteka ngo bataharenze ibiryo. Abana be, ba "Michelins", nawe ubwe, bari

bahitanywe n'abashonji mu myivumbagatanyo! Ishyaka rya Mugenzi, ntawe ubona neza ukuntu rizakorana n'ishyirahamwe Rirengera Inyungu za Kibungo" Perefere Renzaho (Abatutsi biko-mye ngo yanditse ko Abagira iyo bajya bagenda!), na Rwagafilita baherutse gushingira ku Cyasemakamba! Andi mashyaka naramuka ataje kubavangira, i Kibungo bazumvikana. Burya ahantu bafite ibyo kurya bihagije ntibakunda kugira amatiku, bikundira amahoro.

\* PSD — Parti Social Démocrate — ni ishyaka ryashinze na Gatabazi na Nzamurambaho. Inyuma yabo hari Secyugu, Dogiteri Gafaranga n'abandi. Ni abagabo basheshe akanguhe. Nzamurambaho ntavugwaho byinshi, nkuko nawe atavugaga menshi. Azwiho ko yatangiye porogaramu yo kwicira urutoki, agasubiza amasambu abakene bari bayambuwe n'abakire muri Peyizana n'Amayaga ubwo yari Minisitiri w'Ubuhinzi. Inshuti ye Gatabazi yafunzwe! PSD igizwe n'abantu baziranye kuva cyera, batekereza kimwe kandi kure. Ku buryo hari ibitekerezo bashobora kugeza ku baturage bikabaturungura. Nko kubasoresha bakurikije ubunini bw'amasambu yabo! PSD bamwe bayita Aprosoma ivuguruye. Bakayicira ko itazarenza impaka ya Butare nk'ya Gitera. Ariko ntawe uzi uko izakirwa ku Gikongoro aho Nzamurambaho akomeye! Ni na perefe gitura izaba isibaniro ry'amashyaka PSD na MDR hamwe n'igihangange MRND kizaba ihagarariwe na "Maneko mukuru w'agateganyo"!



\* FPR — Front Patriotique Rwandais — Ishyaka ry'Abatutsi bo hanze y'u Rwanda. Ishami ryaryo rirwana rikitwa Inkotanyi. Kimwe mu byarangiza iyi ntambara, nuko ririya shyaka ryakwemerwa, rikemera kuza kwiyamamaza mu Rwanda. Ntirifite abayoboze bake! Ushidikanya azanyarukire mu tubari dukikije La Vedette Motel i Nyamirambo, no mu tundi bitiriye Rwigema muri Kigali yumve aho abantu batuka Perezida w'u Rwanda ku mugaragaro! Ngo nta mbabazi ze, siwe wabafunguye bafunguwe n'Abazungu n'Amnesty International. Nkuko Ravi yabicaga mo amarenga, abafunzwe bose biyemeje kujya muri FPR! Kuri abo ongeraho n'abandi ba nyoninyinshi. Mu gihe bagitegereje ishyaka ryabo, bazashaka andi baba bihishemo. Cyane cyane muri MRND bayikeka ho uburangare nk'ubwa mbere!

\* PDC — Parti Démocrate Chrétien — ni ishyaka rya Nayinzira Yohani Nepomuseni. Uwo musaza ziyemereye ko yabonekewe mbere yo gushinga ishyaka. Arizera inkunga mu bapadiri (bazajya muri politiki?), akizera amajwi iyo za Kibungo aho yabaye. Ubwo n'abagiye i Kibeho bakemera ibyahabereye yenda bazamuyoboka. PDC izazamura igihugu ite? Ni ibanga rya Nayinzira! icyizwi nuko i Kibeho hahombeje leta kubera imodoka zayo nyinshi zahatwikiye lisansi, n'iminsi abakozi bataye akazi. I Coko hafi yaho ibyahabereye byatumye n'abarwayi basindadiraga bahuhuka. Gusa yenda ishyaka PDC rizafasha kugarura umutima wa gikirisitu muri iyi si yameze amenyo... n'amashyaka!

\* MDR — Mouvement Démocratique Républicain. Parmehutu nubwo itavugwa, ariko biri kumwe. Ni ishyaka rya Kayibanda i Gitarama muri za 59 ahanganye na gihake abatamutezukahohababukije.

Ariko ntiwazura abazimu ngo ubure ibizazane! Ibibazo ni byinshi, kubibonera ibisubizo si nonaha. Tubivuge mu rurimi ruharawe rw'aturere! Abanyaruhengeri barashyushye muri MDR. Kuva na kera MDR yari ikomeye mu Ruhengeri rw'i Murera na ba

Bicamumpaka na Mpakaniye. Iyi ntambara yarabakabuye! Kubera ko hakiri abakuru babwira abana ibigwi by'ishyaka barimo. Abo basore, barimo abize, ubu barasa n'abataye abasaza mu kizenga ngo barebe uko boga magazi. Nibarohama (ntibazatinda) babakure, ubundi abasore bafate ingashya! Naho mu Nduga, abasaza b'abanyapolitiki barashize! Abana babo, abaramu n'inshuti nibo "nshirwarimenetse" muri MDR. Abo bantu byonyine kuzumvikana, uko byarangiza iyi ntambara, ntibyoroshye.

N'iby'akarere kandi ntibibuze! Niyo mpamvu bacungana bareba akarere kiganza cyane mu buyobozi bwa MDR. Abakiga baba benshi, Abanyenduga bagasakuza ngo MDR ibaye MRND ya kabiri. Abanyenduga baba benshi. Abakiga bati: ubwenge bwabo! Nitumara kubafasha guhirika bene wacu, ejo bazatwigarika "baduteshe umurongo"! Nkuko byagenze cyera.

Mu Abanyenduga hari n'abibaza niba koko abo bafatanije mu bakiga hari amajwi bazababonera iwabo. Abaturage si injiji. Uzava kuri Université y'i Nyakinama na Busogo, akanyura ku mazu y'ibyatsi arimo amashyamba ya Mukingo, agahita ku Mukamira nijoro haka, akabona uruganda rwa Nkamira, yashaka akanyarukira i Mudende, agakomeza areba ibyiza mu Rugerero azagera ku Kivu yishimye! Nagaruka mu nkengeri y'ibirunga, arebe amazi meza mu bitembo atemba mu makoro! N'uri kure y'ibyo byose atembere ku muhanda wa kaburimbo Gitarama-Mukamira! Ibyo byateye ab'ahandi ishyari nibyo MRND izira. Yaba atora irindi shyaka ngo niho biziyongera? Ahubwo uzizyamamaza yo avuga ko MRND ntacyo yakoze mbona azahatererwa amabuye!

\* MRND: Mouvement Républicain National pour la Démocratie et le Développement. Ishyaka ryari rimwe rikemera guharikwa! Mu kwivugurura ryasambaye amagambo yose ntiryagira icyo risiga, ngo hatagira intego andi mashyaka aritanga! No mu ibendera ntacyo ryibagiwe, uretse ko umuhoro n'isuka byibutsa za nkero n'ibipfunsi

byo mu bihugu bya cyera by'Abakomunisiti! N'ishyaka ryabumbye Abanyarwanda bose mu mahoro n'Ubumwe imyaka 17 yose. Risheshe aka-nguhe.

Ubu MRND ariko irarangwa n'ubwoba, budasobanutse. Ubundi ntiyagombye guterwa ubwoba n'amashyaka arwanira gucengera aho yo yashinze imizi. Ubwo bwoba butuma ikora amakosa. Nko gushyira abantu muri komite central, ikanabavuga kuri Radio, ntacyo yababajije. Reba gufata umugore utabajije umugabo, ugafata nka Mpamo abaturage barambiwe (abo yanze gusezeranya bamucira i bamucikira i Tambwe bakarongora!). Sindikubwabo, kuva aho bamutoreye i Butare, asa n'uwahaznutswe. Yibera nyamwigendaho! Naho se gushyiramo abasaza gusa, (gérontoparti) MRND ibuze abasore bayemera, bayihararira babikuye ku mutima aho kuzumo "ibiyitso"?

Mu migi yacu iyo wumvise ibihavugwa ku mashyaka, usanga MRND akayo karashobotse, yararangije kuba karahanyuze. Ndetse bamwe muri ba "dinosaures" (abo MRND yahaye umugati utubutse inda zigasuma) usanga biteguye guhambira uturago! Ibyo n'ibyifuzo (by'andi mashyaka), siko biri.

Mu giturage iby'amashyaka ntibibashishikaje. Ahubwo baribaza, bivanzemo no gukuka umutima wo kutamenya icyo iyi nkubiri itubikiye. Cyane cyane mu ntambara, ibyitso turi kumwe, umwanzi yubikiye. Ariko hari abirirwa bicaye ku mihanda biteze imodoka y'amashyaka iza kubamenamobibiciri! Ubundi bagatega amatwi bakumva ibitangaza babasezeranya birenze ibyo MRND itagerageje. Abazi ko ibitangaza atari byinshi cyane kuri iyi si, bo bafashe ibyemezo. Bati nishaka MRND ibe Shitani. Amahitamoyaje, Shitani uzi (ikuzi) iruta Malayika ugutunguye!



## UBUGIRANEZA BWINKWARE BWAYIVUNNYE IJOSI



Basomyi ba KANGURA n'abandi-  
tsi bayo. Mumbabarire kuko  
ntamenyereye kwandika mu binya-  
makuru. Ibi ngiye kubabwira cyangwa  
se kubibariza, nako kwibariza bamwe,  
muzamfasha kubyuzuzura no gukosora  
ibyongy n'abandi nibeshyeho. Ariko  
ntimuzategereze ko nzabasubiza, kuko  
ntamenyereye kwandika mu binya-  
makuru. Si umwuga wanjye na gato.

1. Perezida HABYARIMANA yakozze  
uko ashoboye kose, abatutsi abaha  
imyanya hose mu butegetsi bwe, ari  
muri za Minisiteri, ari aho ifaranga  
riherereye, nako ni hose ntaho  
yasigaye atabahayeho. Akanya vari  
asigaranye nako k'ubu Perezida  
konyine, ndetse iyo bitonda gato  
ubanza nako vari kuzakabagazaho.  
Nuko babaye ba mudashima,  
cyangwa se ba nkamirabatanyurwa,  
naho ubundi byose byari ibyabo da.

Abafasha be, ndavuga  
abamutegekera, nabo binjiraga mu  
rugo rw'umututsi kubera ubwenge  
bifitiye, nako bari bafite. Umugabo  
agasohoka, umugore akakira  
umutegetsi. Abandi bati:  
Rwipakurura nzayigeraho nte?  
MAJYAMBERE Silas ati icecekere  
ejo uzaba wayibonye, ndetse  
nyishakire n'akazi! Navuze  
ngitangira ko ntamenyereye  
kwandika mu binyamakuru, ariko  
ibyongy mvuga naba mbiziho gato.  
Abandi bashobora kunyunganira  
aho naba nibeshyeho.

2. Byagaragaye kenshi, iyo twabaga  
twatsetse natwe ngo tugiyeye kwakira,  
nako gusanganira Umukuru  
w'Igihugu aho yabaga agiye gutaha  
imishinga. Imidari y'icyubahiro  
yaduhaye tukayikubitamo,  
wagirango uratambuka bakagu-  
sunikisha indembo n'ikibuno  
cy'imbunda. MAJYAMBERE  
cyangwa se KAJEGUHAKWA  
yahagera, abandi tugahigama da.

Akaguru bakakagera ku kandi,  
imidari twambaye igacikira mu  
mubyigano ngo aha nanjye  
Umukuru w'Igihugu namukora mu  
ntoki. Abapolotokolo bati subirayo  
wa kigabo we. Umudari ukawuhisha  
ugataha cyangwa se ukirarira  
ukawugaragaza ugeze ku muhanda  
munini.

### 3. Ari nacyo ahanini cyanteye kwandika iyi nyandiko.

Ubu njye mbona intambara y'inyenzi  
bita inkotanyi ari PARMEHUTU  
irwana na UNAR. ALEDETWA yo  
ibihanze amaso. Ko numva abenshi  
cyangwa se bake bashaka  
amashyamba menshi, mwabaye  
muretse PARMEHUTU ikarwana  
na UNAR ko ariko njye mbibona,  
irizatsinda rikazatubwira amatwara  
mashya rizanye n'itegeho zaryo,  
akaba ariyo tuzakuramo imbanzi-  
riza-mushinga (ibisesenguro) byo  
gushinga amashyamba bikabona  
kuvuka. Abayashaka munyumve  
neza, simbabujije kuyashinga,  
ndavuga ahubwo ko twagombaga  
kubanza gutsinda UNAR, cyangwa  
se ikadutsinda n'ubwo bidashoboka.

### 4. Ndagira ngo nibarize abatutsi.

Nzi ko bazi ubwenge cyane cyane  
ubw'amashuri, kuko badutanzwe  
kuyiga, kuko bari bafite igihe  
n'umwanya mu butegetsi bwabo.  
Muw'1957 kugeza muw'1959  
amashyamba yigaragazaga mu  
Rwanda, uwaru ubari imbere yari  
RWAGASANA na RUKUBA  
twitaga umushi. Uwo RWAGA-  
SANA yari umuvandimwe wa  
KAYIBANDA Grégori, Abo uko ari  
babiri, RWAGASANA na  
RUKUBA bari abahutu. N'ino mu  
Bugoyi hari umuhutu witwaga  
UGIRASHEBUJA. Alani wako-  
mokaga, nako wari uvuye i Rulindo  
ho muri Kigali, yaje agabiwe na  
RUDAHIGWA igihe yashakaga  
kugabira abahutu imisozi agira ngo  
bacekeke. Uwo UGIRASHEBUJA  
Alani, niwe wari umutwara  
w'impunzi zari kuri Goma ya Zayire,  
n'ubu niba akiriho niwe  
wazitegekaga i Bibwe. Abo mvuze ni  
abo nzi neza twakoranye mu  
by'amashyamba, sinavuye ibyongy  
nabwiwe cyangwa se ntibonye ngo  
mbe mvuze ukuri.

Ubu muri 1990 hashize imyaka  
33 abatutsi bati KANYARENGWE

na BIZIMUNGU nibo batware  
bacu, ni nabo bavugizi bacu. icyo  
mbaza rero batutsi ni iki:

— Kuva muri 1957—1959 kugeza  
muri 1991, hashize imyaka 34  
muvugirwa n'abahutu. Abatutsi  
muba he? RWAGASANA wa  
muvandimwe wa KAYIBANDA.  
BIZIMUNGU Pasteur, abo koko  
mubizere ngo nibo bavugizi banyu  
mwohereza kubavuganira? Uretse  
ko inzara iyo yasumbye iseseme,  
umugabo asubira kucyo yanze.  
Mwibagiye ko KANYARENGWE  
vivugiyeye ko azuzura namwe umusatsi  
we wameze? Ko ari nacyo  
cyamujyanye ababajwe n'uko  
babatonesha, none muti baratu-  
rwanira. Bakwirwanirwe se  
ntimwibeshyeho ngo ni abanyu! Ibyo  
ari byo byose, abahutu ni abagabo  
mbakuriye ingofero mu mutwe  
barakabaho!

Abashaka munyumve neza,  
ntacyambuza gushima abahutu aho  
bari hose. Ahubwo inama nagira  
abatutsi ni uko bashakira iryabo  
shyamba, cyangwa se bakemera kujya  
murihari, kuko na PARMEHUTU  
itangaga kubakira na gato.  
Muririmbe indirimbo y'Igihugu,  
irabemeza ko PARMEHUTU  
itigeze ibihakana na gato, uretse  
ababivuye batabizi.

5. Hari abigeze kwandika babwira  
Perezida HABYARIMANA bati ni  
Umubyeyi azace inkoni izamba ace  
urutabera. Kuki ari nta bari bandika  
bagira bati twe abatutsi turi mu  
Rwanda HABYARIMANA vadu-  
fashe neza aduha byose, n'ejobundi  
yarabigaragaje ashiraho Guverinoma,  
vashyizemo abatutsi batari  
babandi bavugaga ngo babyihisha. Ko  
nta neza itari iyo, kuki ari nta  
bandika bagira bati mwikomeza  
gutera Igihugu ngo mudukure amata  
ku munwa mwicisha urubyo rwacu.  
Ndetse bakaba bakora risansima  
yabo, bakavuye uko bangana bari mu  
mahoro. Ubwo se HABYARIMANA  
mumufasha mute gucyaha bene wanyu?  
Erega iyo mutagira ubwira mwari  
kuzasanga na Minisiteri zose zabaye  
izanyu, abahutu bashizemo. Kereka  
niba ari wa mugani ngo umushyira  
ikweru akagukura mu mbere (ni  
ikigoyi).

## MURI KOMINI MUHAZI IMBOROGO NI YOSE! ARIKO BURUGUMESTIRI NKURUNZIZA ARABYINIR KU RUKOMA!

Tubandikiye tubamenyesha ko muri Komini Muhazi induru ari yose: Abaturage ba Muhazi bababajwe cyane n'isahurwa ry'umutungo wa Komini yabo ubu Burugumestiri Nkurunziza Jean Claude arimo gusahura agurisha amashyamba y'inturusi n'inzuri z'Aborori hagira ushatse kubaza akaba yagejewe muri Kasho.

Muri icyi gihe twitegura amashyamba menshi. Abazi ko batazakoramo mu gihe cy'itorwa ry'Ababourgmestiri, barimo barasahura bivaniramo ayabo, ibyo rero Bourgmestiri Nkurunziza J.Claude yarabihagurukiye niko kazi akora muri iki gihe, ariko anagenda agirira nabi abaturage n'abakozi bakorana kugira ngo baceceke ibyo bibi byose ntibizamenyekane; bazage kureba basange Muhazi n'isayo yararikumbye.

Buri segiteri ya Komini Muhazi uko ari 12; uzigeramo ugasanga ari mu butayu kuko amashyamba y'inturusi yari ahari hafi ya yose barimo kuyarimbuza abayaguze bitereramo intoki cy'indi myaka; yagurishije amashyamba 18 kandi bagendaga bamuha 140.000 Frs kugeza kuri 400.000 Frs yose ashya mu mufuka we tu!!

Uwo Bourgmestiri ibintu asigaye akora bizamukungurira; dore aherutse gufata abarobyi bose n'Amato yabo maze arabakubita biratinda ku buryo abenshi bamaze igihe banyara amara-

so; benshi babaye ubu IBIMUGA haza gufamo uwitwa BISHIBURA none nta nkurikizi yabayeho da! ngo bakoze Raporo ngo n'inkotanyi da! amato yabo yose arayamenagura none agahinda ni kose barasaba uwabatabara.

Umutungo wa Muhazi urigiswa ni mwinshi cyane, ngayo Amakawe iyo yeze kuko amasegiteri yose uko ari 12 afite ibipimo by'amakawa ariko iyo zeze ntiwamenya amafaranga yavuye mu matoni n'amatoni iyo bayashyira uretse gushyira kuri konti ya komini udufaranga two guhuma abantu amaso gusa; aturuka ku kimodoka cya rwipakurura ntawamenya iherezo ryayo; cyokora barabigaragaza da kuko ubonye umutungo wabo we na Kontabule we niho wakwemera ko bariye koko; dore nk'ubu uwo bourgmestiri amaze kugura ivatiri ya 800.000 Frs; iduka atangiye kubaka i Kayonza urwanda rwose; ikizu yujuje i Gishali hafi nka miliyoni yakigiyeho aho abitse yo ntawayabara ngo ayarangize.

**N.B.:** Bwana Muyobozi; tubandikiye ibi bikurikira kugira ngo muzabitungurize mu kinyamakuru cyanyu kuko tukizera kandi tukagikunda cyane cyokora tubasabye kuzatugirira IBANGA ntimuzagaragaze AMAZINA YACU.

Nitwe Abakuru b'Imirimo muri Komini Muhazi

- 1° Agronome wa Komini Muhazi Harelimana Faustin
- 2° Vétérinaire wa Komini Muhazi Mazimpaka Modeste
- 3° Perezida w'urukiko rwa Kanto Muhazi Sefuku Léonce

### ITANGAZO

**KANGURA irifuza kuba Isosiyete ihuriweho n'abantu benshi. Ababyifuza bagomba kubisaba Ubuyobozi mu gihe cya vuba.**

**N.B. Hazemerwa Abanyarwanda gusa.**

**Turasaba abaturage ba Kigombe (Ruhengeri) kutwoherereza Anketi ivuga amarorerwa ya Bourgmestire wabo mu gihe cya vuba.**

## BAMWE MU BAYOBOZI B'AMAKOMINI BARANZE BAKOMEJE KUNANIZA ABATURAGE



Akenshi iyo ikinyamakuru cyanditse ku muyobozi uyu n'uyu nuko haba hari rubanda rukomeje

kurira ayo kwarika. Bitewe n'umuyobozi warwo urukandamiza. Ibyo kwandika, abanyamakuru bakabikorera kugira ngo uwo muyobozi yikubite agashyiraye nawe ashya mu gaciro, akore ibyo yahamagariwe gukora. Niyo mpamvu Kangura yongeye kugaruka ku mikorere ya Bourgmestiri wa Komini Rubavu Habyaremye Yohani wa Mungu.

Mu by'ukuri uyu bourgmestiri kuva aho agabiwe kuyobora Ko-

mini ya Rubavu ntabwo abaturage bigeze bamwishimira. Twe tuza kubanza gukuka ko, byaba biterwa ahari n'uko bavugaga ko ari umurundi, ubundi tukibwira ko yaba yangwa wenda n'abaturage bari basanzwe badasora, noneho we akaza abasoresha. Ibyo byose twaje gusanga atariyo ntandaro, kuko n'ubundi atatinze kugirana amakimbirane n'abajyanama be ba Komini, ahubwo dusanga indwara ya ruswa ariyo nyirabayazana.

Dore ko ku Gisenyi Komini Nyamyumba na Rubavu abayobozi bazo bavugwa cyane mu gukunda guhushura ku mutungo wa Komini no kurya ruswa.

Ubundi aha muri Komini Rubavu hari ikibazo cyabaye ingorabahizi, kuri Mont Rubavu, hari igice cyatujwemo abaturage bati-shoboye n'ikindi bakozemo umuganda bateramo ibiti none ubu abaturage bakaba barakomeje gusatira ishyamba ibiti bakiyubukira uko bashatse. Twe turibaza niba Bourgmestri atazi ko iyo ibyo abyemeye, aba ari za mbaraga zakoze umuganda aba apfushije ubusa, yego hari abavuga ko bimwe mu bibanza bahafite bagiye babigura n'abo bategetsi ariko nubwo nabyo bishoboka, nta wabifataho ukuri kuko nta n'agapapuro na kamwe kagaragaza ko baguze.

**Dore ikibabaje ahubwo k'umuyobozi**

Bourgmestri wa Komini Rubavu yaba yarariye ruswa abasore bacururiza mw'isoko rya GISENYI, bamwe murabo basore ni KAYIRANGA Edouard bita MAHOKO, NDERERIMANA, SIMBI-ZI n'abandi benshi tutashatse kurondora amazina yabo. Dore ko bagiye kubimushinja kuri Burigade ya GISENYI ari benshi. Muti byagenze bite? Burugumestiri yabanje kubumvisha ko, umucuruzi w'ubuconco, agomba kumara mw'isoko igihe kitarengeje umwaka umwe gusa. Hanyuma y'uwo mwaka akaka kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi (Registre de Commerce) nibwo rero yaje kugenzura abari barangije umwaka ngo bajye gufata za boutiques bamwe bamubwira ko nta mafaranga barabona ku buryo bakorera muri za boutiques. icyakora bari bafite ukuri kuko kuva aho intambara yatangiye, isoko rya GISENYI naryo ryafunzwe igihe kirekire. Ndetse bikaba byumvikana ko n'uware afite udufaranga, mbere y'intambara aritwo twamutunze muri ibi bihe bibi. Ubwo rero

Bourgmestri yaje guhagarika abo yishakiye ariko agirango bajye birirwa bamwiruka inyuma, kugira ngo abace icyo yifuza. Ubwo bamwe nibwo basanze aribo bahagwa, dore ko inzara yari imaze kubageramo, baremera bamuha ibihumbi bine buri muntu, kuko ari nako babyemeje muri Dossier yabo kuri Burigade ya GISENYI.

Icyatumye rero biza gusakuza n'uko Bourgmestri afite mukuru we nawe ucukururiza muri iryo soko, (dore ko ari nawe ubwira murumuna we abamaze kugira amafaranga mw'isoko) utajya usurira Percepteri, kandi iryo tegeko ryo kumara umwaka umwe mw'isoko rikaba ritamureba. Nibwo rero mw'isoko hakomeje kuba umwaka mubi, barasakuza bigera kuri Burigade, benshi barabazwa, bavugaga akarengane kabo. Gusa igikomeje kubabaza Rubanda n'uko abategetsi bo hejuru bamenyaye ibyo bibazo biba biri hagati y'abayobozi n'abayoborwa, ariko ntibabishakire umuti vuba. Kuko n'abaturage ubwabo bazi neza ko burugumestiri w'u Rwanda adashonje cyane byatuma ajya mw'isoko guhoza yo amafaranga ibihumbi bine bine. Uyu ubikora niba atanga umugayo, amenye ko ababaza uwamukamiye.

**N.M. GISENYI-INFO**

*N.D.L.R. Ku byerekeye Bourgmestri wa Komini Rubavu twehwe twarumiye kuko twagaragaje kenshi ko atari umunyarwanda, ibyo biro bishinzwe iperereza mu Rwanda nabyo hirabizi kuko byabikozeho anketi irambuye, nubwo ntawamenyaye aho yazeze.*

*Ikindi kitumvikana n'ukuntu yamaze abakozi abirukanisha uko ashatse ngo batavugaga amarorerwa ye bikagera naho atwikira umujyanama we, bizwi na benshi ho muri Rubavu.*

*Ku byerekeye ruswa ubihakana azaze tumwereke amafoto y'inzu agiye kuzaza mu makoro yubatswe ku ngufu za ruswa gusa ngo arabizi nibakoresha amatwara ya ba Bourgmestre ntawe uzamutwara, nyamara arebye nabi yashyikirizwa ubucamanza vuba agasobanura ibyo yakoreye abaturage. Nyamara se abatanze ruswa ko naho batabyishimiye kubera ko bagiraga ngo hose babona ibyangombwa hafitiye uburenganzira mbese ni byinshi.*

*Ibyo byose byakomeje gusakuza nibwo Perefe wa Gisenyi amutangiyeye raporo asaba ko yahindurwa, ubwo Bourgmestre amenye ko Raporo yagiye nibwo yiyambajye Ministre w'inshuti ye ngo amurehera imbehe itubama atarabona akazu ko kuzahungiramo abaturage yagiriye nabi. Nibwo tuzi icyo Ministre Munyazesa yakozwe kuri icyo dosiye, usibye ko bigaragara ko yaviranganyeye ngo bikageze naho avugaga ngo Perefe mushya aka kanya ntaramenya imiterere y'uwo Bourgmestre wigiye indakoreka.*

*Icyo twe abanditsi ba Kangura tuzakora n'ugutangaza umu Ministre ushyigikiye uriya Bourgmestre wa Rubavu n'impamvu adakurwaho kandi dosiye ye yarakozwe cyera. Nyamara kumurekeraho n'ukugambanira M.R.N.D. kuko nta n'umwe umwifuzaga cyeretse mwene nyina ucukururiza mw'isoko rya Gisenyi.*

## KANGURA

Ibire ntaramakuru Gisenyi-Information biramenyeshye Abanyarwanda bose ko Radiyo twifuzaga ko yatangiye le 1-7-1991 itagitangiye igihe. Inzego zishinzwe umutekano zasabye ko zakwigana ubushishozi ibyerekeye ishingwa ry'amaradiyo yigenga. Dosiye ya Radiyo La Voix du Peuple ubu ifitwe na

Ministre w'ubucamanza, Ministre wa Transport no gutumanaho, Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komine n'umuyobozi wa ORINFOR. Igihe cyose rero bazaduhera uburenganzira izina rya Radiyo yacu ni La voix du Peuple. Kandi byose bigenze neza twazumvikana mu Rwanda hose.

## KU MUYOBOZI W'IKINYAMAKURU KANGURA



Ndagira ngo ngusubize ku byo wanyanditseho muri KANGURA № 11, urupapuro rwa 7, 10.

— Ku byerekeye Procureur wa Repubulika ku Gisenyi, ndagira ngo nkumenyeshye ko nari muzi nk'uko nawe wari umuzi, kimwe n'abandi baturage. Naho kuvuga ngo hari ibindi twaba tuziranveho, ibyo ni wowe wabisobanura, naho iye simbizi.

Ku byerekeye moto zo umvugaho, ndagira ngo nkumenyeshye ko nta moto mfite, ntigeze mba taximan wa moto, nta n'ubwo nigeze nkorana na bo, haramutse hari ibindi bimenyetso, wabitanga.

— Ku byerekeye ibiro by'intasi bikorera mu kirere, ntabyo nigeze kugira, kandi ubishatse wazansobanurira neza ibyo biro akarere bikoreramo n'ababikoreramwo.

Reka ngusubize no kuri KANGURA № 12, urupapuro rwa 12, 13, ku byerekeye umusanzu uvuho wo kugura amasasu, ndagira ngo uzaduhe ikimenyetso kigaragaza aho uwo musanzu uturuka n'aho uyanwa.

Reka noncho nanyije nkubaze:

— Ko uzi aho uwo musanzu uturuka n'aho uyanwa ntubyangirira ngo ubigaragaze mu kinyamakuru cyawe ku buryo burambuye, aho wowe ntiwaba ugambanira igihugu wishakira inyungu zawe? Nk'uko bivugwa hanze, cyane ko icyo wikomye umuntu akugurira kugira ngo utamwandika muri KANGURA akakurebera (inyoroshyo) akaba abaye umwere.

— Ko tuzi ko ikinyamakuru cyawe kitasohoka buri muni, amakuru waturuye agasohoka ari uko ikinyamakuru cyawe gisohotse, ubwo igihugu ntuba ukigambanira, kandi ari ibintu byagombye gusohoka ukibimenya, byananirana ukabimenyeshya ubutegetsi bukuri hafi? N'abantu uvuga ko irengero ryabo naba ndizi, ndagusaba ko watangaza umwirondoro w'abo bantu, ndetse nkaba niyambaje ubutegetsi bwa Komini Rubavu, ko bwandebere niba abo bantu babarurwa muri segiteri Gisenyi cyangwa nkaba mbazi koko, ikaba yarababuze. Ndetse niba yaribeshyeye (NGEZE) azabarize no mu yandi makomine. Naho iye abo bantu simbazi habe n'umwe.

Ndangije nkumenyeshya ko iperereza wakoze ku byerekeye aho nkomoka wibeshyeye, sinkomoka i Gatumba, nkomoka i Muramba, Komini Satinsyi, Segiteri Gitwa. Kandi nkagusaba ko iyi nyandiko wayizeza ku basomyi ba KANGURA utagize icyo uhinduramo.

GATALI Tharcisse

Bimenyeshyewe:

- Préfet wa Préfecture Gisenyi
- Juge Président w'Urukiko rwa mbere

rw'Imezzo

- Procureur wa Repubulika i Gisenyi
- Commandant w'igiko cya Gendarmerie i Gisenyi
- Bourgmestre wa Komini Rubavu
- Umuyobozi mukuru ushinze ibiro by'ipereza i Gisenyi.

Bwana GATALI rero bita MAFENE, KANGURA ikwandika ntabwo yafuye kubitoragura, ahubwo abafatiwe ku rugambi nibo bagushinje ko uri umwe mu boherereza amafaranga inkotanyi yo kugura imbunda zo kurimbura abahutu. Niba utabyemera, uzaze tuguhe ibimenyetso simusiga.

Ku byerekeye ibindi ibiro Ntaramakuru byacu byagutahuyeho, twamenye ko uri umututsi kabuhariwe, umwe wanga abahutu urunuka. Uzahore wibuka kandi ko dufite ibimenyetso nawe uzi bigaragaza ko uri igisambo kabuhariwe. Ese waba wibuka amadolari y'umuzayirwa wibye, maze ugatangamo ruswa kuri Parike ya Gisenyi, bityo ukaba warayarigishije mahere?!!

Ese ko vuba aha tugiye gushyira ahagaragara urupfuru rwa Nyakwigendera SEBUHORO bigaragara ko mwamuhotoye maze umutungo yari atunze mukawurigisa muwita uwanyu. Ese wagize ngo urupfuru rwa SEBUHORO wababaje abagoyi benshi uzarukira? Ahubwo tegura abavoka bazobereye kuburana amahugu maze bazagukize ibimenyetso simusiga tuzagaragaza kuri uriya Nyakwigendera wataye muri Sebeya, umutungo we mukawurigisa muri babiri. Yewe, uwavugaga ibyawe yakwandika ibitabo. Ahubwo zigama ayo kugura KANGURA kagukoreho!

NGEZE Hassan

**Ubuyobozi bwa KANGURA buramenyeshya rubanda nyamwinshi y'abarundi ko KANGURA yiyemeje kubafasha mu gukemura ibibazo byabo dukoresheje Itangazamakuru. Abarundi mwese rero nimuyobohe KANGURA maze byose bihinduke, Abarundi bifuzaga kutugezaho amakuru dore Aderesi**

**RUHENGARI : UMUBOYI YATOYE IMBUNDA MU GIKARI****CYA SHEBUJA**

KA021352

**INTANGIRIRO YA BYOSE**

Kuva intambara yarota mu Rwanda, abaturage b'i Nyakinama cyane cyane abo muri Segiteri Muko na Kanza, ntibigeze bashira amakenga abakozi ba Kaminuza bahatuye. Biturutse ku mpuha zitagira umutwe n'iki-buno, muribuka ko haje no kuvuka amakimbirane hagati y'uwohoze ari Burugumestri wa Komini Nyakinama, NKIKABAHIZI Donati, na bamwe muri abo bakozi ahanini bitewe n'uko bari badafite ibyangombwa byuzuye, bacumbikiye abantu batazwi mu butegesi cyangwa batubahiriza amategeko y'umukwabu ( couvre-feu ).

Ayo makimbirane yaje kuvamo ndetse ibirego byari bigamiye mu by'ukuri guhirika Burugumestiri NKIKABAHIZI nk'uko bigaragara mu rwandiko rusebanya abakozi bagera kuri mirongo ine basinye n'inyandiko yatangajwe n'umunyamakuru wa ORINFOR wari umaze iminsi mike yimurirwe mu Ruhengeri, Bwana KANYANZIRA Sitanisilasi ( Imvaho n° 871, 3-9 ukuboza 1990, pp.6-7 ).

**AMASASU NTIMBUNDA**

Abakozi ba Kaminuza bavugaga ko Burugumestri wa Nyakinama abateraza abaturage be agenda avuga ngo ikigo cya Kaminuza ni indiri y'ibitso by'Inkotanyi. Ntibyacye kabiri tariki 01.12.1990, hatarurwe igisasu kizima

muri icyo kigo hafi y'amacumbi y'abarimu. Kubera ko abajandarume bari bamaze iminsi bahasatse bakabura icyo batwara, ibyo byahise byibagirana.

None ku itariki ya 13/03/1991 mu ma saa sita y'amanywa, umusore ukorera Porofeseri NTEZIMANA bita Kizerbo akaba yigisha Amateka muri Kaminuza, yabonye imbunda ya Masotera ( Révolver ) nshyashya mu gikari cya Shebuja. Uko uwo muboyi abisobanura usanga ari urujijo. Ubwe yivugira ko aho yayibonye yari kumwe n'amasasu kandi ko yari yahoze ahakubura ndetse n'abana bahakinira. Nta muntu wundi ahama avuga ko yaba nibura yarahakandagije ikirenge muri uwo mwanya yayitahuraga. Ndibutsa ko yayibonye mu gikari hamwe hagerwaga n'inkoramutima z'umuryango muri bingalo ihubatswe.

Amaze kuyibona, ntawamenya ariko icyamubwiye ko ari imbunda atoraguye, yahise ajya kubimenyeshya umusirikari wari hafi aho, nawe asanga ari imbunda koko. Umukomanda witwa BARARWEREKANA waje gukora anketi yasobanuye ko mu masasu yari hamwe n'iyi mbunda harimo arasishwa n'indi itarashoboye kuboneka, uretse ko nta n'uwigeze ayishakisha.

Ari umugore wa NTEZIMANA, ari umuboyi we, ntawashoboye gutanga ibimenyetso bihagije bigaragaza ko iyo mbunda itari isanzwe muri urwo rugo. Ba gashozantambara batuye mu kigo cya Kaminuza abenshi mu bajya biyita Abanyenduga, buririye kuri iyo mbunda bifuza ko bayitwerera abo bakunze kwita Abakiga. Abandi bavugaga ko iyo ntware yaba yaratawe kwa Porofeseri Ntezimana wari wigiriye mu nama ishinze ivugurwa rya Politiki i Kigali n'umuntu umwanga ku giti cye cyangwa se n'Inkotanyi y'Impirimpanyi ishaka gukomeza kugonganisha Abanyarwanda. Hari ndetse n'abavugaga ko iyo mbunda ari iya Porofeseri Robin Hameline w'umwongereza waba warangaye abana bari bamushagaye bakayitumukana no kwa Kizerbo ngo bi ! Ndetse hari n'abavugaga ko ari abaturage bahungiyeye i Nyakinama baturutse mu Ruhengeri bayihashyize bashakira kuyikiza. Ku bwanyije, icyo kibazo ahubwo ni insobe, kuko ukuri umuryango wa Kizerbo uburana nako kumeze nk'iyobera. Umukomanda wakoze anketi we yavuze ko mu gihe hataraboneka uwayihashyize, uwo mutumbi uhana umuryango watoraguwemo. Dutegereje twese icyo anketi izatanga.

*Umusomyi wa Kangura*

*NDLR : Turasaba ubishoboye wese kuzatugezaho umwanzuro w'icyo kibazo, anketi nizirangira.*

**WARI UZIKO**

Ikotanyi koko ziteguye kudutera kuva cyera, icyatumye batinda nuko bari bategereje ko hagira icyatere imyivumbagatanyo imbere mu gihugu maze abaturage basubiranamo zikinjira bitazigoye. Urugero rwihuta Padiri NDANGAMIRA yinjira idini rya

Isiramu. Abyawe na Mwalimu Djuma Kibata nawe w'umututsi. Abo bagabo rero imitwe yabo yarabapfubanye kuko bari bizeye ko Abakirisitu n'Abasiramu basubiranamo maze Abatutsi bene wabo bari mu Nkotanyi bakadufata bitabagoye. Yari SIBO.

Kubera ko tumaze gutahura umutungo Bourgmestre wa Komini Nyamyumba yarigishije, twasabaga abatuye iyo Komine kutwoherereza ibindi bimenyetso bya Ejide uvukana na NZABANDORA warigishije TRAFIPRO maze tukabitangaza.

*Ubuyobozi bwa KANGURA burasaba Abaturage ba Komine Rubavu ko bakora uko bashoboye bakatwandikira batubwira amarorerwa yose yakozwe n'uriya Bourgmestre w'umurundi waje kubategeka bivuye ku hurangare bw'inzeho zatumye agabirwa umurimo utamukwiye.*

## KOKO BATUVURA AMASO TUKAYABAKANURIRA !

Kuwa kabiri le 12/06/1991 muri Taxi yajyaga i Nyamirambo nimugoroba, amagambo RUGIRA ukomoka i BYUMBA yavuze byanteye kwibaza.

Mugenzi we bari kumwe yamubajije niba mu tunama bakora baremeje ko bazashyiraho ishyaka ryabo. Rugira ati ishyaka tuzarishyiraho rihabwe inshingano zo gushyiriranyama amashyaka y'abahutu. Ngo kuko abahutu batazabemerera gukorana nabo. Ese uriya RUGIRA yagiye muri MDR, cyangwa irindi shyaka baramwirukana??? Ese arinda kujya mu yandi mashyaka MRND arayinengaho iki??? Ahari ayangira ko ubumwe yatoje abanyarwanda bwatumye dutsinde inkotanyi?? Dore ko ngo no muri iryo shyaka bazashyiriranyama rigamije gutatanyabana b'u Rwanda. Bahutu bashyiriranyama amashyaka rero nimurusheho kuba maso.

Uwo musore wari kumwe na Rugira yakomeje amubwiza ukuri kwe. Ndetse anamwumvisha ko ahubwo abatutsi aribo baryamiye abahutu. Amuha ingero z'ukuntu nta mututsi wigeze ashaka amafaranga akayabura. amwereka ko no mu nzego zose z'ubutegetsi bwa Leta bafitemo ibyitso bibagerera ndetse n'ibukuru. Ageze ku mashuri, aha uwo Rugira urugero kuri barumuna be bose uko ari batatu bise bize Kaminuza ku mafaranga ya Leta, kandi n'uwu RUGIRA Leta yaramwohereje kwiga mu Burusiya none ubu akaba ari umuryohe. Uwo musore akomeza amubaza niba muri Komini yabo hari umuryango w'abahutu ufite abantu barangije Kaminuza nk'uwabo. Aho nari nicaye iruhande rwabo nti ahubwo uretse no muri Komine yabo no mu Rwanda hose ntabwo yabona. Rugira ariyamirira ati uzi burya koko

ko batuvuye amaso none tukaba dushaka kuyabakanurira?

Akomeza avuga ati ahubwo use-senguye neza wasanga nta buryarya wasanga abatutsi aritwe twaryamiye abahutu.

Bariya basore uwabatuma ku nkotanyi bakazumvisha ko mu Rwanda no mu mahanga nta mututsi n'umwe warenganye maze zikarekeraho kudu-tera. Koko waba uri impunzi ifashwe nabi ukabona amafaranga yo kugura ya katiyusha na za karashinikove??

Demokarasi twifuza, kandi MRND yaduteguriye neza idutegeka twese kugenderera mu nzira y'ukuri n'ubutabera ku bana b'u Rwanda.

*RUKUNDO Aimable*

## WARI UZIKO NDANGAMIRA ARIWE WABAYE AGACURAMA KURUSHA ABANDI?

Mbe NDANGAMIRA urava he ukajya he? Ndahungira mu Burundi kuko nkurikije ubugoma bwanjye ndakeka ko iminsi yanjye ibaze. Ubwo ibi bisubizo Ndangamira yabitangaga muri 1973 igihe yari agiye i Buguru. Hashize igihe gito NDANGAMIRA wari agorome ahita agaruka mu Rwanda kubera Umusenyeri wari

wamwemereye kwiga muri Seminari Nkuru ya Nyakibanda.

Arangije yabaye umufana ukomeye wa Etincelle ariko abifataniye no kuba Padiri mukuru wa Paruwasi ya Gisenyi. Muri Etincelle yahavanye imbwa yiruka kuko byamuviriyemo kuba umuyobohe wa Muhamedi, akihakana Kirisitu.

Uwo mugabo waketsweho kuba icyitso cy'inyenzi-nkotanyi yari yaragarukiye Yezu-Kristu. Yongera kumwiha ariko amubangikanya n'umukobwa wagenda azungura Yezu mu mutima wa NDANGAMIRA. None ubu inkuru yabaye kizi bese ngo NDANGAMIRA yihakanye Yezu burundu, yiyegurira umukobwa atungiyeye muri Komine Bwakira ho ku Kibuye.

*TWAGIRAYEZU Jean*

## WAKINA POLITIKI UTE UTARIYE?

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu byo muri Afurika byose, rwugarijwe n'ibibazo byinshi kandi by'ingorabahizi. Ibyo bibazo kandi ni abanyarwanda bagomba kubibona umuti.

Hari ibibazo byo mu rwego rw'ubukungu n'ibyo mu rwego rwa politiki. Ni ngombwa rero ko dushakira ibibazo ibisubizo. Mu rwego rwa politiki abanyarwanda igisubizo batanga ngo ni amashyaka menshi. Nyamara ndacyemeza ko amashyaka

ka menshi n'ubwo ari ngombwa ariko siyo kamara. icya ngombwa n'uko abanyarwanda bese bakwivugurura mu mikorere yabo. Amashyaka avuka akareka guhatanira kwihimura ku bantu bategekeshye ishyaka rimwe. Kandi bakirinda wa muco uvuga ngo vaho nanjye nirire. Amashyaka ya politiki rero ntazabarangaze.

Kuko n'igihe abanyafurika bahataniraga ubwigenge bw'ibihugu by'afurika twibuke ko barwaniraga cyane

kwigenga muri politiki ariko bakibagirwa gukora kugirango bazamure ibihugu byabo kuko abazungu bababeshyaga ngo bazabafasha muri byose. Udufaranga duke abazungu bahaga abategetsi b'afurika, abo bategetsi bishyiriraga mu mifuka yabo, andi abazungu nabo bategeka bakayisubiza. Igihe cyo kwishyura cyagera abategetsi bagashakisha amafaranga yo kwishyura mu mutungo wa Leta.



## MAGURU Shani AKOMEJE KWIHATA ABAGORE B'ABANDI

Hashize hafi imyaka ibiri ahemukiye inshuti babanye igihe kirekire. Iyo Nshuti ni Abdu Vicky wo ku Gisenyi. Akaba yaruzuye igihe kirekire na Maguru Shani. Nyamara bajya gutandukana, impamvu yabaye umugore wa Vicky yabwiye umugabo we ati "ko Shani ari inshuti yawe akaba ambuza "amahoro" bite? Umugabo ntiyahise abyemera. Umugore na we akomeza kujya abimubwira. Rimwe umugore n'umugabo bajya inama yo gufatira Shani mu cyuho. Nibwo, mu buryo butagoye na gato, "igisambo cy'amaguru yakowe" bakimanukanye Brigade mu myambaro ya nyir'urugo cyaje kwibamo. Ntimubaze aho iyacyo yari yagiye. Gusa ikibazo cyaje kuva mu butegetsi, gisuzumirwa muri gacaca. Amafaranga Abdu Vicky yasabye kubera ibyo yari amaze gukorerwa ntawamenya niba yarayaronse cyangwa se ngo ayace iryera.

Abagore b'abandi yarakomeje arabihata. Abafite abagabo bafunzwe, abafite abagiye kwiga mu bihugu bya kure "Chani y passe en revue pour ne pas dire en permanence". Abagabo bakennye ariko bafite abagore beza abakorera amarorerwa nk'ayo akagerakaho kubasebya ngo mwagiye mu-rongora abo mureshya nabo.

Umusore Djumapiri alias Nyaribogi ari mu bo Shani yita abakene barongoye abo batareshya nabo. Byatangijwe n'uko muka Shani akomoka i Kigali na muka Nyaribogi akaba ariho akomoka. Imiryango y'abo bategarugori iraziranye, iraturanye, irashyikirana. Abana na bo bagize igitekerezo cyo gukomeza ubucuti bw'ababyeyi babo, bafashanya imirimo imwe n'imwe yo mu rugo, baturamirana mu minsi mikuru n'ibindi. Shani rero yumvaga ko ubwo bushuti bugomba kugarukira hirya, mbese bukava mu mbere bukava mu rugarukira. Yarabigerageje ariko biramubihira. Nyaribogi mu gukoka ko ubucuti bw'umugore we na Shani bushobora kuba bufite intera yo "konerwa" byatumye atunganya uwo bashakanye. Uyu nguyu ahita yahukanyira kwa Shani wamushakiyeye ibyangombwa byose bimugeza iwabo i Kigali, ndetse akagerakaho no kumukurikira yo kugira ngo yumvishe ababyeyi ko batabomba kwongera gutanga umukobwa wabo bamuha Nyaribogi.

Agiye gucyura, nkuko Shani yari yatangiye kubikwirakwiza hose, ko atazongera kumubona. Nyaribogi yatashye amara masa. Umujinya ariko wari wose. Yavuye i Kigali avuze ko

Shani nadapfa ari we uri bupfe. Imodoka yamwururukirije ku Gisenyi ku maduka. Azamukana ingonga ayiye gushaka agapanga, agakurikizaho gushaka Shani. Amahirwe ya Shani, ndavuga amahirwe kuko bahuye ataragera iwe ngo afate agapanga, ariko akaba yari afite ubuhiri. Amahirwe ya Shani rero, ntiyanyujijweho agapanga. Ahubwo Nyaribogi yamujoye ubuhiri inshuro nyinshi mu mutwe maze amaraso aradudubiza. Shani yaratabaje abantu ishyano barahurura. Muri bo uwamukijije ni muramu we, wahabaye umugabo rwose, ndetse akanamwihutishiriza kwa muganga.

Iyo "scandale" nayo yashyizwe muri gacaca. Amakosa ahama Shani. Bamusaba gucyura umugore w'abandi.

Ngaho aho gukomeza kwihata abagore b'abandi bigeze Maguru Shani alias Sénégalais.

### Gisenyi-Info

Uyu Shani twibutse ko ari umukwe wa Majyariwa utuye i Nyamirambo akavukana na Hadji Ramazani wazunguye Gahutu kwa Nyirabahutu. Uhutaha tuzababwira uko Madjaliwa nawe byamugendekereye mu minsi yashize.

## BYARABABAJE

Hari umutegetsi uherutse gutanga itegeko ryo gushakisha umuyobozi wa KANGURA aho yaba hose. Ubwo inzego zishinzwe guta muri yombi abahigwa, babonye ko batabashije gufatira Ngeze igihe, nibwo badukiye umuryango wa Ngeze Hassan bawumarira muri Burigade, ubwo Imodoka za Kangura zose zirafatwa ziragungwa. Iryo tera-bwoba ari bimwe mu byatumye KANGURA idasohokera igihe cyayo. Dore abahohotewe bagafungwa bazira ko bavukana na Ngeze uvugira rubanda nyamwinshi.

1. HABIMANA Djuma yafungwiye kuri Burigade ya Nyamirambo
2. NGEZE Issa yafungwiye kuri Burigade ya Nyamirambo azira ko avukana n'umuyobozi wa KANGURA.

Imodoka zafunzwe ni izi:

Voiture Peugeot 504 Plaque GB 2493, Camionnette TOYOTA Plaque GB 2453. Mboneyeho no gushimira Procureur Général w'urukiko rw'ubujurire umurwanashyaka Mukama warenganuye umuyobozi wa KANGURA. None bikaba bitumye KANGURA yongera gusomwa n'abayikunda. Nakomereze aho. Natwe tuzakomeza kumutera inkunga, kandi nawe azirikana ko iyo inyenzi-nkotanyi zigera ku mugambi wazo, wo kumara bene gahutu nawe ntiyari gusigara.

Ubutabera niyo nkingi ya demokarasi.

NGEZE



## LE BURUNDI PLAIDE NON COUPABLE DANS L'AGRESSION PERPETREE DE L'EXTERIEUR CONTRE LE RWANDA ?

En revenant sur ce qui a été rapporté par un lecteur de KANGURA à BUJUMBURA sur le thème: "LE BURUNDI PLAIDE DE NON COUPABLE DANS L'AGRESSION PERPETREE DE L'EXTERIEUR CONTRE LE RWANDA" et que votre journal a pu publier en son N° 13 à la page 14, je voudrais vous offrir des amples témoignages touchant à la vérité des choses.

Nous, habitants de la ville d'UVIRA (SUD-KIVU), avons été fortement surpris de cette attaque d'Inyenzi-Inkotanyi contre le Rwanda depuis le 1er/octobre 1990. Notre dédain s'est alourdi par le fait que les opérations de recrutement se sont déroulées clandestinement dans les centres ci-après: MINEMBWE, BIJOMBO, BWEGERA... avant de venir s'entasser dans la cité MULONGWE en partance pour BUJUMBURA.

Tout au début de la guerre, les habitants d'UVIRA se posaient mille et une question sur des petits groupuscules des jeunes tutsi d'origine rwandaise qui sillonnaient de part et d'autres les avenues. Ces derniers tenaient leurs quotidiennes réunions dans l'enceinte de l'Eglise CADEZ située à KIMANGA en face du camp militaire 5e B.N. Cette Eglise est une secte protestante qui a été onnée par des chrétiens protestant-

pentecôtistes d'origine rwandaise après s'être séparés de l'Eglise-mère CEPZA (Communauté des Eglises de pentecôte au Zaïre) en 1978. Le pourquoi de la séparation est à deviner. Les dirigeants de toutes ces réunions étaient des représentants d'Inyenzi-Inkotanyi de Bujumbura. Les grandes têtes des participants d'UVIRA figuraient l'Evêque Catholique du Diocèse d'UVIRA Monseigneur KAPANGO, le Docteur SEKAGANDA, le Docteur MUSAFIRI (qui vit actuellement à KINSHASA) et le commerçant MWAFFRIKA. Le plus influent de tous, était l'Evêque dont ses véhicules (du Diocèse bien sûr) exempts de tout contrôle frontalier, étaient chargés de faire traverser les recruts, armes sacs d'haricots, de maïs... vers BUJUMBURA en passant par les douanes KAVIMVIRA (ZAIRE) - GATUMBA (BURUNDI).

Tous les recruts d'UVIRA en traversant la frontière Zaïro-Burundaise devaient subir des entraînements militaires à MPANDA (CIBITOKE), RUKOKO (MUTIMBUZI) et à MUSHIHA. Les instructeurs furent à majorité des militaires burundais d'origine rwandaise. Après les entraînements, ils devaient subir un autre recrutement vers l'OUGANDA chez MAMBOLEO ALFRED. Tous ces candidats devaient signer des contrats

d'assurance sur la vie à l'UCAR/BUJUMBURA.

Avant de mettre en terme cette lettre, on ne peut s'étonner de voir que, la majeure partie des militaires Zaïrois et burundais d'origine rwandaise ont déserté. L'exemple typique est d'un certain SEBUGORORE originaire de la localité RUNINGU ex. sous-officier commando du Zaïre.

Espérant Monsieur le Rédacteur en Chef, que votre tâche est d'informer et éclairer vos fervents lecteurs, nos convictions se ramènent à la publication de ces témoignages dans le N° prochain de votre journal.

Votre lecteur d'UVIRA  
M.A

**Abasomyi bacu mu-  
twihanganire kuko  
tutabashije kubona  
ibisobanuro byuzu-  
ye by'umuyobozi  
wa OVIBAR.  
Amarorerwa yahako-  
rewe ni menshi.**

## ABATURAGE BA KABARONDO BARATAKAMBIRA MRND !

MRND twebwe Abaturage ba Komini KABARONDO turakuramutsa na ya ndamutso yawe ivuga iti mugire Ubumwe Amahoro n'Amajyambere. Hanyuma tukaba dushaka kukwibutsa ko ibyo wakzoe ari byinshi cyane kandi byiza. Vuba aha twumvise ku Radio uvuga ko ushaka guha aBamilitant na baMilitante imodoka wari warabemereye kugirango urangize neza inshingano wiyemeje. None Mubyeyi MRND, natwe Abaturage bavuka i Kabarondo n'abahatuye yewe n'abahagenda turakwibutsa ko watangi-

ye gukora igitangaza mu Gisaka uduha AMAZI i Kabarondo. Hanyuma tugiye kumva twumva ngo Kongre ya Perefegitura ya Kibungo ihagaritse imishyamba yose y'iyi Perefegitura biratubabaza biragadutangaza cyane. Impamvu si iyindi nuko MRND wari wararangije gucukura imyobo, gutaha amatiyo mu butaka, kubaka twa Borne fontaine abaturage bazajya bavomeraho yewe na cya cyigeza kinini kizajya gikwiza amazi hafi ya Komini cyari cyarangiyeye ikindi cyatubabaje nuko n'amafaranga warangije kuyashyirira kuri compte y'iyi

Komini. Hanyuma se igisigaye ni iki ? Rwose MRND wadusigiyeye urwo rwibutso rutazibagirana imyaka ibihumbi n'ibihumbi mu buzukuru n'ubuvivi buzajya buvuga buti cyera MRND yaduhaye amazi meza !! Kandi abaturage bari baratanze umuganda ugagarara babifitiye umurava mwinshi, none ihagarikwa ry'uwo mushinga ryacyiye intege rubanda nyamwinshi. Nyabuna mutugoboke dukeneye meza !

Abaturage ba Kabarondo.

Camp des Réfugiés GISALI  
C/o Abbé Pierre SIMONS  
B.P. 61 NYABISINDU

GISALI, le 23/04/1991

Igituma twanditse :  
kumenyeshya amakuru

K'umuyobozi w'ikinyamakuru "KANGURA"

Twishimiye umwanya tubonye wo kubandikira tubasaba kudutangariza amakuru.

Twasanze ikinyamakuru KANGURA gisaba umuntu wese kwinigura, natwe tuvuze ibyo dutekereza. Twizere ko ntawe twasebeje twizere kandi ko abatari babizi ko tumaze imyaka itatu muni y'ihema bazabimenye bamenye n'ubuzima bw'impunzi. Ariko twanditse mu rurimi tutumva neza mutubabarire.

Twizere ko muzabitangaza. Murakoze.

Abanditse :

1. NTIRANDEKURA Edmond KARUHIJE
2. NDUWIMANA Isaac
3. NTIMPIRANGEZA J.Claude
4. MBANZAMIHIGO Ferdinand
5. BUTOYI Septime

## AMAKURU

Twe abasomyi ba KANGURA turayishima cyane kuko itugezaho ibitekerezo ikanatangaza ibyo abantu batekereza muri iki gihe.

Abantu batari bake barazi ko mu gihugu cyacu cy'u BURUNDI habaye urugomo rw'intambara y'amoko, ni nayo mpamvu yatumye duhungira mu bavandimwe twari twizeye. Urwo rugomo rwabaye muri 1988 hahungu abahutu barenga ibihumbi mirongo itandatu na bitatu ( 63.000 ) bose bahungiyeye mu RWANDA. Twakiriwe mu bigo bitari bimwe nka RUBANDA, CURUSI, MASHENYI, KATARA-

RA na MUHERO ho muri BUTARE. Hagati aho umuryango wita ku mpunzi ( H.C.R. ) na Croix-Rouge y'u RWANDA bagerageje kuturwanaho. Kubera imfashanyo yari nke impunzi turi nyinshi, byatumye benshi bapfa abandi bafatwa n'indwara zibyozezo nk'amacinya n'izindi... kuko turya umutsima w'amasaka gusa. Tumaze amezi atatu, abategetsi ba RWANDA n'ABURUNDI batangira kwiga ikibazo cyacu bashaka ukuntu impunzi zasubira iwabo. Kubera ubuzima bubi, benshi bari baracitse kubera inzara : kuko bapfa nk'abana b'imbeba. icyadutangaza cyikadutangaza n'ubu. n'uko abajya guhingira abaturage bashaka utwumbati cyangwa se utujumba two guteka, abategetsi bo mu ma komini twabagamo babafata bakabafunga abandi bakabohereza i BURUNDI ku ngufu.

Hasigaye abantu bake cyane, badukusanyirije mu kigo kimwe cy'i MUHERO ( Commune NTYAZO ). Muri icyo gihe batubwiraga ko : abashaka basubira iwabo, ko amahoro yabonetse. Ariko twararebye dusanga bashaka ko twahunguka ku ngufu. Hageze igihe cyo gutaha kuko bavuga ko babishaka barabihagarika, duhita twizera ko iterabwoba ryo kutujyana ku ngufu rivanyweho. Nyuma yaho habaye ibintu bikomeye cyane, nk'uwari Préfet wa BUTARE ( KARANGWA Frédéric ) yavugaga ko azazana amabisi n'abasirikare bakatujyana ku ngufu. Benshi baratashye kubera iryo terabwoba. Muri bo benshi barahunze ubwa kabiri abandi barishwe.

Batwimuriye i NTONGWE ( GITARAMA ) tuzi ko ubuzima buzarusahaho kumera neza nkuko babituzezaga,

ahubwo bukomeza gusubira inyuma dore ko n'ubu badufashisha ifu y'amasaka yonyine indwara ziriyoungera nk'amacinya n'ibifu...

Igitangaje kandi n'uko abo twari twizeye badushinjaga ko tugaba ibitero mu BURUNDI, nkicyo bavuga cyo mu majyepfo y'icyo gihugu. Nk'uwari sous préfet wa sous-préfecture RUHANGO. Ese umuntu yagaba igitero akoresheje ifu y'amasaka ko ariyo dufite ? Kubera ibyo bahise bafata ibyemezo byuko tutarenga kilometero ebyiri. Ese turi impunzi cyangwa abagororwa ?

Turebye ukuntu impunzi zahungiyeye i BURUNDI kuva aho intambara iroteye mukwa cumi 1990 ( mu RWANDA ) birerekana ko zagiye ku butumire kuko zifashwe neza bidasanze. Zifite n'uruhushya rwo gutembera mu gihugu cyose. Kuko tweho tudafite urutuma twatembera muri segiteri turimo ? Birababaje kubona tuborera muni y'inturusu kandi twahungiyeye muri bene wacu. Aho kudushakira ubuhungiro bagakomeza kutubwiragusa ko nta gihugu na kimwe cyo kw'isi cyatwakira. Kandi ibihugu byatwemereye ubuhungiro ari byinshi. Ese abahutu b'abarundi twacumuye iki kuri iyi si ? Niba bitagishobotse ko dufashwa, dukwiye guhunga ubwa kabiri aho tuzajyera, tuzarara aho.

Abahutu bo kw'isi yose, twari dukwiye kumenya ko turi bamwe, tugafashanya tutishishanya, ubumwe bwacu bukarushaho gukomeza. Umwanzu wacu tugafashanya kumurwanya, ahandi ho dukomeje gutatana, abanzi bacu bazatwigarurira nkuko babishakira, turibagirwa ko bafite ubumwe budasanze.

UTAMBANA NA MUKEBA NTAKUBITA URUGOHE !!!

**Kuberako GISENYI-INFORMATION**  
yiyemeje gushyira ahagaragara icyo  
**SINGAYE André bita MAHERA**  
apfa n'abagore be, n'abahungu be  
n'abashoferi be, ndetse na **GACUKIRO**  
ukizira gukekwa gusa. Dusabye abatuye  
ku Gisenyi kutwunganira muri iyo  
nkuru izashimisha benshi.

## INKUBIRI Y'AMASHYAKA NTIZATWIBAGIZE INYANJA Y'UBUKENE TUGOMBA KWAMBUKA

Hirya no hino muri Afurika inzara irica, ifaranga ryataye agaciro, ubutaka bwabaye buke, ibiciro ku masoko mhuza-mahanga birasonga ubukungu busanzwe ari buke bw' Afurika n'ibindi. None abayobozi ba Afurika babonye ibibazo bikomeye bari kujya guhoza mu bihugu twitirira ko byateye imbere mu majyambere. Kubera ko ibyo bihugu byari byarakijijwe no gusahura Afurika ubu nabyo bikenye kubera amadeni menshi nabyo byafatiye abikorera ku giti cyabo n'imiryango itari iya Leta ubu ikibazo cyabaye insobe.

Kugira ngo dushobore kwambuka inyanja y'ubukene tugomba kwirinda gusesagura. Tukirinda infashanyo z'ibihugu bigambiriye kudahaka. Ariko cyane cyane abasore kuko aribo mizero y'u Rwanda rw'ejo bagahabwa uburere bwiza n'ubuhanga buhanitse. Hamwe n'ubwenge bwinsihi, kuko aribyo byonyine bizatuma dushobora kubyaza iyi si dutuye umutungo wo kudutunga.

Imfashanyo ziturutse mu mahanga ntazo tucyizeye, kuko na bya bihugu twitaga ko bikize nabyo birabogozwa ngo

ubukene burishe. Dore ko naho abanyamakuru bavugira rubanda nabo batangiyeye gushyira mu majwi abategetsi bo muri ibyo bihugu. Bibaza cyane cyane aho bakuye umutungo mwinshi bafite igihe abandi baturage bo mu burayi nabo batagira urwara rwo kwishimisha.

Banyafurika rero politiki nziza n'idushakira twese imirimo kandi natwe tugakora iyo mirimo neza kugirango dushobore kubona ibidutunga. Tukirinda abadushukisha udufaranga kugirango babone uko batwiba.

*Papiyasi RUBERA*

## IMANA Y'I RWANDA IHORA IRI MASO, IYO IDAKINGA AKABOKO... AK'ABAHUTU KARI GUSHOBOKA

IKINYAMAKURU KANGURA  
B.P. 91 GISENYI  
RWANDA

BUJUMBURA, LE 15 MAI 1991

### ABATUTSI BO MU BURUNDI NATWE TURAGIRA TUTI:

Abahutu mumaze kudutsinda ni mutware u Rwanda rwanyu. Tubabajwe n'abana bacu bashiriye ku rugamba kubera ikizere twabanje kugirira Fredy RWIGEMA, BUNYENYEZI na Dr. BAYINGANA, CYANE CYANE IKIZERE COLONEL YIZEZAGA BENE WACU BO MURI UGANDA NATWE BAKADUKOMEZA BATI RUHAJYE INYENZI YIYEMEJE KUBA RUHASHYA ABAHUTU: ABANA BANYU BAHITE BAVA I BURUNDI BASANGE RWIGEMA BATEGURE INTAMBARA. IBITWAROKABOMBO TURAFITE, GAHUTU WESE AZASHIRIRE KW'ICUMU.

MU GIHE ABATUTSI B'IBISARE BAKORAGA AMANAMA I BRUXELLES MU BUBILIGI N'I PARIS MU BUFARANSA. Naho abahutu bo mu Burayi bo bakoze inama imwe gusa yabereye i Paris muri HOTEL CONCORDE, LA FAYETTE, MURI RESTAURANT YITWA ARC EN CIEL, ariko natwe twarabankaga, na telexe boherereje Président HABYARIMANA ivuga ngo "UHITEMO


WAVE CYANGWA AMAGARA YAWE" twahise tumenya ko icyo dusigaranye ari intwari za karahaburika naho imigambi yacu yose abahutu bamaze kuyivumbura no kutuneka aho dukorera amanama hose. Iyo nama y'abahutu ni iyo telex boherereje Président Habyarimana bamubwira ko INYENZI ZIGIYE GUTERA hari kuri 15 Aout 1990. Ariko iyo HABYARIMANA ABA NKA MUBUTU YARI GUHITA AFATA RUHASHYA ATI VUGA VUBA IMIGAMBI MUFITE YO KUDUTERA NA BENE WANYU. Nta kuntu twari kwizera RWIGARA w'imbwa y'umucuruzi kurusha COLONEL RUNAKA ukomeye mu ngabo z'abahutu waduhaye "PLAN DE GUERRE".

None dushimiye wa muhutu wavugishije ukuri muri ALLEMAGNE FEDERALE avugira kuri Radio-Rwanda. Ni ibyo abahutu batubwira na HABYARIMANA ngo ari impunzi ari inkotanyi abashaka kugaruka ni baza... TWE TUBONA KO BIDASHOBOKA. HANO MU BURUNDI UMUGABO BAGAZA YARAVUGAGA

NGO "UZOMPUSHA SINZOMUHUSHA". NONENIBA MUTADUHAMAGARIRA KWIHORERA, MUZADUTUZA HE KO U RWANDA RWUZUYE CYERA: I NYAMATA ABATUTSI KAYIBANDA YAGIRIYE IMPUHWWE YARABAHUJUJE. NONE NIMUTWARE U RWANDA RWANYU. NA MUSEVENI NI KANYESHYAMBA GUSA NTA POLITIQUE AZI. UMUHUTU ARIKOCOYE ATI U RWANDA RUGIYE KUMERA NKA ISRAEL: AGAHUGU GATO ARIKO GAKAZE MU BYA GISIRIKARE, Ati URETSE KO NA MBERE TWABANJE GUHEMUKIRWA NA BYA COLONEL RUHASHYA BYABANJE KWIGIRA IBYITUTSURE MU BAHUTU BYAMARA KUBONA MUSEVENI NA RWIGEMA BAKAJIJE IMIGAMBI N'IBITWARO BYABO BYA KARAHABUTAKA. NDI BUTSA KANGURA KO UMUHUTU AMENYA INZIRA ATAMENYA INZIGO.

*ABASOMYI BA KANGURA BO MU  
BURUNDI*

KA02 1358



**INGABO ZIGIHUGU ZIFATANYIJE NA RUBANDA NYAMWINSHI. BEMEJE KO HABYARIMANA ARIWE  
UZAYOBORA REPUBULIKA YA GATATU MURI M.R.N.D. IVUGURUYE.**

